# Imvaho Nshya

Soma Usobanukirwe Buri Munsi

N° .E-54 TARIKI 10 - 16 WERURWE 2026 RPC P.O.BOX 3854 KIGALI-RWANDA TEL: +250 785 474 045 E-mail: info@rpc.rw





AMAKURU

U Rwanda na Qatar bikomeje gushimangira ubufatanye mu bya gisirikare



2

AMAKURU

U Rwanda rwiteguye gushora tiriyari 8,7 Frw mu ngufu za nikeleyeri



4

UBUKUNGU

Rwanda: Izamuka ry'ibiciro ryiyongereyeho 9,2% muri Gashyantare 2026



10

MU NTARA

Nyamasheke: Umugore wacaga inshuro yahindutse rwiyemezamirimo ukoresha abakozi basaga 15



14


# Trungelliti yegukanye 'ATP Challenger 100' yakurikiwe na Perezida Kagame

## Umushoferi usuzuguye umupolisi umuhagaritse ashobora gucibwa 700 000 Frw

**Ntawitonda Jean Claude**

***Itegeko rishya rigenga ikoreshwa ry'umuhanda rikomeje kuzamura ibiganiro hagati y'abakoresha umuhanda bagaragaza ko ingamba zafatiwe abarenga ku mategeko n'amabwiriza y'umuhanda zikakaye ariko zari zikwiye kugira ngo abantu barusheho guha agaciro umutekano wo mu muhanda.***

Muri bimwe mu bihano iri tegeko riteganya harimo kuba "kwanga guhagarara ubitegetswe n'umugenzacyaha cyangwa umukozi ubifitiye ububasha, bizajya bihanishwa ihazabu itari munsi ya y'amafaranga y'u Rwanda 400 000 ariko itarenze amafaranga 700 000 n'igifungo kitari munsi y'amezi 3 ariko kitarengeje amezi 6," nk'uko bikubiye

KOMEZA KU RUP.3




**Perezida Paul Kagame yitabiriye imikino ya ATP Challenger Kigali**

**SHEMA Ivan**

***Marco Trungelliti ukomoka muri Argentine, yegukanye "ATP Challenger 100, Kigali II" atsinze Umutaliyani Marco Cecchinato amaseti 2-1 (4-6, 6-0, 6-3) ku mukino wa nyuma wabereye ku bibuga bya IPRC Kigali Ecology Tennis Court.***

Ni umukino wakurikiwe n'abarimo Perezida wa Repubulika Paul Kagame, Madamu Jeannette Kagame, n'abandi bayobozi batandukanye. Yari inshuro ya gatatu u Rwanda rwakira aya marushanwa mpuzamahanga ya Tennis ahuza ababigize umwuga.

Muri uyu mukino wa nyuma, iseti ya mbere yaranzwe no guhangana cyane yegukanywe na Cecchinato atsinze amanota 6-4 ariko mu iseti ya kabiri yasaga n'ufite ikibazo cy'urutugu, ayitsindwa ku manota 6-0.

Marco Trungelliti yagaragaje imbaraga nyinshi mu iseti ya gatatu yabanje gutsindwamo amanota abiri adakoramo, ariko azamukana Cecchinato kugeza amutsinze amanota 6-3. Trungelliti yaherukaga kwegukana iri rushanwa rya ATP i Kigali ubwo ryatangaga amanota 50

KOMEZA KU RUP.3

# Amagororero aba mu mijyi y'u Rwanda agiye kwimurwa

ZIGAMA Theoneste

***Minisitiri w'Umutekano mu Gihugu, Dr Biruta Vincent yatangaje ko hari gahunda yo kwimura amagororero yo mu Rwanda ari mu mijyi arimo irya Musanze, Muhanga, Ngoma, Huye n'irya Bugesera kubera Ikibuga cy'Indege Mpuzamahanga cya Kigali kiri kubakwa hafi yaryo.***

Yashimangiye ko kwimura aya magororero bishingiye ku kuba aho ari atabasha kubahiriza ibisabwa by'ibanze ku bahagororerwa kandi ko namara kwimurwa hazakurikizwa igishushanyo mbonera cyo kuyubaka mu buryo bugezweho kandi bwisanzuye.

Yabikomojeho kuri uyu wa Gatanu tariki ya 13 Werurwe 2026, mu kiganiro yahaye Abadepite bagize Komisiyo y'Ubumwe bw'Abanyarwanda, Uburenganzira bwa Muntu no Kurwanya Jenoside, cyibanze ku bibazo byagaragajwe muri raporo ya Komisiyo y'Igihugu y'Uburenganzira bwa Muntu y'ibikorwa by'umwaka wa 2024-2025 biri mu magororero na za kasho zo mu Rwanda.

Dr Biruta nubwo atatangaje igihe ayo magororero azimurirwa n'aho azimurirwa, yavuze ko ibyo bigamije kunoza uburyo bw'imyubakire y'ayo magororero ku buryo bizafasha abagororwa kubaho




**Minisitiri w'Umutekano mu Gihugu, Dr Biruta Vincent yatangaje ko amagorero ari mu mijyi hari gahunda yo kuyahimura**

bisanzuye kandi batekanye.

Yagize ati: "Muri uko kuyimura hazakurikizwa igishushanyombonera ku buryo hazakurikizwa uburyo igororero rigomba kuba ryubatse, ku buryo andi azubakwa mu gihe kiri imbere azaba yujuje ibyangombwa biyateganywamo."

Minisiteri y'Umutekano mu gihugu itangaza ko kugeza ubu mu Rwanda ubucucike mu magororera bugeze kuri 97,7% ariko hamwe bukaba bwiyongera kubera ko hari abayajyanwamo mu buryo budasanzwe nko mu gihe bari muri za kasho z'urukiko no mu magororero asanzwe.

Dr Biruta yavuze hari gahunda yo kwimura ayo magororero atajyanye n'aho yubatswe.

Ati: "Mu rwego rwo kugabanya ubucucike muri za kasho zegereye inkiko, ni ikibazo tugira kuko abari muri kasho baba bazakenera kujya mu nkiko kandi rimwe na rimwe zitegereye aho izo kasho ziri.

Bajyaga babatwara nko mu gihe bazaburana ejo, bakabashyira muri kasho yindi y'urukiko cyangwa se bakaburana bakazaba bakomeza ejo. Abajyanywe muri kasho bahasanga abasanzwemo.

Yavuze ko mu gihe ubushobozi bwo kubaka aho abo bagororwa bakirirwa hisanzuye butaraboneka, hafashwe ingamba ko bazajya basubizwa aho bari basanzwe baba.

Ni ikibazo avuga kandi ko kiri mu no mu magororero ati: "Niba tuvuga muri 97,7% by'ubucucike mu magororero yacu, ubundi bikwiye kuba mu magororero hari imyanya iba ihari iteganyijwe idashyirwamo abagororwa.

Hari ababurana baje muri Kigali bavuye mu magororero yo mu Ntara, bakaba bacumbikiwe mu igororero rya Kigali [Mageragere].

Dr Biruta yavuze ko hari ubwo abagororwa bavanwa mu Ntara bakajyanwa kuvurirwa cyangwa kuburanira mu Mujyi wa Kigali, bikaba ngombwa ko baba bacumbikiwe mu magororero yaho.

Yavuze ko kuba abo bagororwa biyongera muri kasho z'inkiko bagasangamo n'abandi bagororwa na byo bikomeza kongera ubucucike bityo hafashwe ingamba ko mu kubaka ayo magororero ajyanye n'igihe hazajya hateganywa umwanya wagenewe abo azajya yakira mu buryo budasanzwe.

Perezida wa Komisiyo Hon. Ndangiza Madina yavuze ko nk'Abadepite bishimye ibisobanuro bahawe ndetse agaragaza ko inzego zibishinzwe zakomeza gukorana hagamijwe ko abagororwa bagira imibereho myiza.

Imibare ya Komisiyo y'Igihugu y'Uburenganzira bwa Muntu (NCHR), yo mu Kwakira 2025, yagaragaje ko mu mwaka wa 2024/2025 ubucucike mu magororero y'u Rwanda bwagabanyutseho 24,3% ugereranyije n'umwaka wa 2023/2024 aho bwavuye ku 134,3% bugera ku 110%.

Ni imibare iyo Komisiyo yakuye mu igenzura ry'iyubahirizwa ry'uburenganzira bwa muntu mu magororero 14, mu ngando icumbikiye abagororwa bakora igihano cy'imirimo y'inyungu rusange mu Karere ka Rwamagana.

Yarikoze kandi muri kasho z'Ubugenzacyaha 112, mu bigo by'igororamuco ry'ibanze 29, mu bigo ngororamuco 3.

Kugeza ubu Minisiteri y'Umutekano mu Gihugu ivuga ko ingamba zashyizweho mu kugabanya ubucucike mu magororero zirimo kumvikanisha abafitanye ibibazo no gufungura bamwe mu bagororwa by'agateganyo, zatanze umusaruro aho ubu ubucucike bugeze kuri 97,7%.

Imibare y'Ikigo cy'Ibarurishamire (NISR) igaragaza ko ibibazo bituma abantu bajyanwa mu magororero byiyongereye aho byavuye ku bihumbi bisanga 50 mu 2023 bigera ku bihumbi bisaga 87 mu 2025.

# U Rwanda na Qatar bikomeje gushimangira ubufatanye mu bya gisirikare

NYIRANEZA Judith

***Minisitiri w'Ingabo, Juvenal Marizamunda, yakiriye Nyakubahwa Mansoor Ali Al-Hajri, Ambasaderi wa Leta ya Qatar, ibiganiro byabo byibanze ku kurushaho gushimangira ubufatanye busanzweho mu bya gisirikare hagati y'ibihugu byombi.***

Ubufatanye bw'ibihugu byombi bukomeje gutera imbere, cyane cyane mu bwikorezi bwo mu kirere, umutekano, ishoramari n'ubukerarugendo. U Rwanda na Qatar bifitanye umubano umaze gushinga imizi mu nzego zitandukanye.

Ibihugu byombi byagiye bisinya amasezerano agamije kwagura no kunoza umubano, nko ku wa 12 Gashyantare 2025, hasinywe imbanzirizamushinga iteganya gukuriraho visa abaturage b'ibihugu byombi.

**Sosiyete z'indege z'Ibihugu byombi, RwandAir na Qatar Airways zifitanye imikoranire**

Qatar ifite imigabane ingana na 60% mu mushinga w'Ikibuga cy'Indege cya Kigali kiri kubakwa mu Karere Bugesera, kizaba gifite ubushobozi bwo kwakira abagenzi miliyoni 14 ku mwaka.

Mu Rwego rw'umutekano, Polisi y'u Rwanda n'Urwego Rushinzwe Umutekano imbere muri Qatar, Lekhwiya, byasinye amasezerano y'imikoranire agamije gushimangira ubufatanye bw'impande zombi mu byerekeye umutekano no guhangana n'ibyaha.

Muri uyu mwaka, Qatar yemeye umushinga w'itegeko ryemerera abafite pasiporo zisanzwe z'u Rwanda kwinjira muri icyo gihugu batabanje gusaba visa.



**Minisitiri w'Ingabo, Juvenal Marizamunda na Nyakubahwa Mansoor Ali Al-Hajri, Ambasaderi wa Leta ya Qatar baganiriye ku bufatanye**





# Trungelliti yegukanye 'ATP Challenger 100' yakurikiwe na Perezida Kagame

IBIKURIKIRA URUP.1

mu 2024.

ATP Challenger mu Rwanda iri mu marushanwa atatu agize African Tennis Tour. Andi abera i Abidjan muri Côte d'Ivoire n'i Brazzaville muri Congo.

Umunyamabanga wa Leta muri Minisiteri ya Siporo, Rwego Ngarambe, yavuze ko hari inyungu nyinshi u Rwanda rukura mu kwakira amarushanwa ya Tennis ya ATP Challenger.

Yagize ati: "ATP Challenger yatangiye mu Rwanda iri ku rwego rwa 50, uyu munsi turi ku rwego rwa 75 ni 100 mu byumweru bitandukanye.

Kuva gutangiye kugeza uyu munsi hari byinshi twagiye tubona ku bakinnyi ubwabo n'indi mirimo iba ikenewe iruhande rw'ikibuga haba abasifura n'abandi twagiye tubongerera amahugurwa ndetse n'abakinnyi b'Abanyarwanda rwaberetse uko bagera aho abandi bakomeye bageze"



**Perezida Paul Kagame na Madamu Jeanette Kagame bakurikiye umukino wa nyuma wa ATP Challenger 100**

Yakomeje avuga ko kwakira amarushanwa ya Tennis ya ATP Challenger mu Rwanda ari ugukomeza guha abakinnyi b'Abanyafurika amahirwe yo kuzamura impano zabo.

Yagize ati: "Muri gahunda y'ubudasa bwacu bwo kurikwirakwiza ahandi hose kuko uyu mufatanyabikorwa gukora mu kuritegura ni we warigejeje ahandi kandi hano byagenze neza."

Akomeza agira ati: "Ni no kugira ngo dukomeze duhe amahirwe abakinnyi b'Abanyafurika mwabonye ko hari ibihugu by'Afurika bitandatu, ni uburyo bwo kugira ngo twongere amahirwe abanyafurika mu kuzamura amanota n'imyanya yabo mu ruhando mpuzamahanga."

Ni ku nshuro ya gatatu aya marushanwa abereye mu Rwanda, ATP Challenger 100 ikaba ije ikurikira ATP Challenger 75 yabaye hagati y'itariki ya 2-8 Werurwe .

Imikino yombi yahuje abakinnyi 66 baturutse mu bihugu 20.

# Umushoferi usuzuguye umupolisi umuhagaritse ashobora gucibwa 700 000 Frw

IBIKURIKIRA URUP.1

mu ngingo ya 19.

Iri tegeko n° 014/2026 ryo ku wa 06/03/2026 rigenga ikoreshwa ry'umuhanda ryasohotse mu igazeti ya Leta tariki ya 10 Werurwe, bikaba biteganywa ko ibirikubiyemo bizatangira gushyirwa mu bikorwa byuzuye muri Mata nyuma y'uko hazaba hamaze gusohoka Iteka rya Minisitiri rijyanye na ryo.

Ni itegeko ryasimbuye iryo mu 1987, rizafasha ishami rya Polisi rishinzwe Umutekano wo mu Muhanda kugenzura iyubahirizwa ry'amategeko yo mu muhanda no guhana abayarengaho.

Ni itegeko rigaruka ku bihano bihabwa abayobozi b'ibinyabiziga (abashoferi) batwara banyoye ibisindisha, abadafite ibyangombwa bibemerera gutwara n'indi myitwarire ibangamira umutekano wo mu muhanda.

Ingingo ya 37, Umuyobozi w'ikinyabiziga utwara ikinyabiziga gitwarira abantu benshi hamwe yarengeje igipimo ntarengwa cya alukoro mu maraso abihamijwe n'urukiko ahanishwa ihazabu itari munsi y'amafaranga y'u Rwanda 100 000 ariko itarenze amafaranga 400 000 n'igifungo kitari munsi y'amezi 3 ariko kitarenze amezi 6.

Umushoferi unywa ibisindisha yitwaye cyangwa atwaye imodoka idatwara abantu mu buryo bwa rusange, ba mukerarugendo, abanyeshuri cyangwa imizigo irengeje toni 3,5; ahanishwa ihazabu itari munsi y'amafaranga 150 000 ariko itarenze amafaranga 300 000 n'igifungo kitarengeje iminsi 10 cyangwa kimwe muri ibyo bihano.

Umuyobozi w'ikinyabiziga gisanzwe kandi ufite igipimo cya alukoro mu maraso gikubye nibura inshuro ebyiri z'igipimo ntarengwa, ahanishwa ihazabu itari munsi y'amafaranga 200 000 ariko itarenze 500 000 n'igifungo kitari munsi y'amezi 3 ariko kitarengeje amezi 6 cyangwa kimwe muri ibyo bihano.

Nanone kandi iri tegeko riteganya ishyirwaho ry'uburyo koranabuhanga bwifashishwa mu gukurikirana imyitwarire y'umuyobozi w'ikinyabiziga kigendeshwa na moteri hakoreshejwe amanota y'imyitwarire, bikazagenwa n'Iteka rya Minisitiri byitezwe ko rizasohoka muri Mata 2026.

Iri tegeko kandi rihana abayobozi b'ibinyabiziga batwara basinze bakanga gufatwa ibipimo bya alukoro, aho bazajya bacibwa ihazabu y'amafaranga y'u Rwanda ari hagati ya 300 000 na 600 000 n'igifungo kiri hagati y'amezi atatu kugeza kuri atandatu.

Ku batwara ibinyabiziga bitari ibyabo, abanze gupimwa igipimo cya alukoro bazajya bacibwa ihazabu itari munsi ya Frw 400 000 ariko itarenze Frw 600.000 n'igifungo kitarengeje iminsi 10 cyangwa kimwe muri ibyo bihano



**Abashoferi banga guhuha muri Alcotest bashyiriweho ibihano bikakaye**



**Itegeko rishya rigenga ikoreshwa ry'umuhanda rizaba rifite amabwiriza akakaye**

Ku birebana n'ihererekanya, ingingo ya 42 y'iri tegeko iteganya ko umuntu wagurishije cyangwa watanze ikinyabiziga kigendeshwa na moteri mbere y'uko iri tegeko ritangira gukurikizwa akaba atarakoze ihererekanya ahawe igihe kitarenze amezi 12 abarwa uhereye ku munsi iri tegeko ritangarijweho mu Igazeti ya Leta ya Repubulika y'u Rwanda kugira ngo abe yakoze ihererekanya.

Umujyanama Mukuru mu bya Tekiniki ushinzwe Taransiporo muri Minisiteri y'Ibikorwa Remezo (MININFRA), Alfred Byiringiro yabwiye itangazamakuru ko Iteka rya Minisitiri rifasha kuzuza ishyirwa mu bikorwa ry'iri tegeko rigeze kure ritegurwa.

Ati: "Iteka rya Minisitiri ririmo gukorwaho kandi hashingiwe ku ntambwe imaze guterwa, twiteze ko rizaba ryatangiye gushyirwa mu bikorwa byuzute bitarenze hagati mu kwezi kwa Mata."

Yanakomoje ku kamaro ko kwandikisha ibinyabiziga no kubahiriza amabwiriza abiteganya, agira ati: "Kwandikisha ibinyabiziga iteka byahoze ari itegeko, ariko akenshi ntabwo byagiye byubahirizwa. Ibyo byaremye ingorane zirimo no kuba ibinyabiziga byakoreshwa mu gukora ibyaha bikagorana kubikurikirana."

Kugeza uyu munsi ibihano ni byo bigaragara neza cyane mu itegeko ryasohotse mu Igazeti ya Leta ariko hari izindi ngingo zigitegereje iteka rya Minisitiri kugira ngo zitangire gushyirwa mu bikorwa.

# U Rwanda rwiteguye gushora tiriyari 8,7 Frw mu ngufu za nikeleyeri

NTAWITONDA Jean Clauude

***Mu gihe u Rwanda rukomeje urugendo rwo kugera ku Cyerekezo 2050 aho ruzaba ruri mu bihugu byateye imbere, Guverinoma yatangaje ko yiteguye gushora miliyari 6 z'amadolari ya Amerika (Tiriyari 8,7 z'amafaranga y'u Rwanda).***



Mu ngufu za Nikeleyeri hazashorwamo tiriyari 8,7 Frw

Ni muri gahunda yo kurushaho kongera ingano y'ingufu z'amashanyarazi ashyigikira iterambere rirambye ry'ubukungu nk'uko byashimangiwe na Perezida wa Repubulika Paul Kagame, ubwo yari ari i Paris mu Bufaransa.

Umukuru w'Igihugu yari yitabiriye Inama Mpuzamahanga yiga ku iterambere ry'Ingufu za Nikeleyeri tariki ya 10 Werurwe 2026, aho yahamagariye Umuryango Mpuzamahanga gushora imari mu bihugu bikiri mu nzira y'amajyambere kugira ngo byubake ibikorwa remezo by'ingufu za Nikeleyeri bihagije kandi bitanga ingufu zikenewe.

Perezida Kagame yasobanuye ko u Rwanda rubona ingufu za Nikeleyeri nk'izingiro ry'iterambere rirambye kuko mu gihe ruteganya kuzaba ruri mu bihugu bikize ku Isi mu myaka 25 iri imbere, rukoresha nibura MW 3000.

Yagize ati: "U Rwanda rwihaye icyerekezo cyo kuzaba mu bihugu bikize ku Isi bitarenze mu 2050. Ibyo bisaba amashanyarazi ahagije, ni na yo mpamvu twafashe icyemezo cyo gushyira ingufu za Nikeleyeri mu mishinga yacu y'igihugu."

Uyu mushinga witezweho kuba watangiye gutanga ingufu bitarenze mu 2030, uza wunganira imbaraga zashyizwe mu kongera ingufu zikomoka ku ngomero z'amazi, izituruka ku zuba ndetse n'iziva kuri gaze methane.

Perezida Kagame yavuze ko ingufu za Nikeleyeri zishobora kubera Afurika isoko y'amashanyarazi ikeneye mu nzego zose by'umwihariko mu nganda, gutunganya amabuye y'agaciro ndetse no mu bubiko bw'amakuru y'ikoranabuhanga.

Ni muri urwo rwego u Rwanda rwatangiye inyigo yo kubaka inganda nto zitunganya ingufu za Nikeleyeri (SMRs), ikoranabuhanga rigezweho ritunganyiriza izi ngufu ku mwanya muto, rikaba ritekanye kandi ryoroshye kubakwa aho ari ho hose.

Perezida Kagame avuga ko izi nganda nto zibereye kongerera ubushobozi imiyoboro y'amashanyarazi, ati: "Inganda nto za Nikeleyeri zijyanye n'ibyo Afurika ikeneye."

Gahunda yo kubyaza umusaruro ingufu za Nikeleyeri yitezweho gufasha u Rwanda kwagura ubushobozi bw'ingufu zikagera nibura kuri Gigawatts 5 (MW 5000) bitarenze mu 2050, aho bivugwa ko zizaba ari ingufu zihagije mu gushyigikira gahunda irambye y'iterambere ry'ubukungu.

U Rwanda rumaze imyaka myinshi cyane rutegura ibikenewe byose mu buryo bwa tekiniki n'imirimo ikenewe gukorwa kugira ngo haboneke uruganda ruto rutunganya ingufu za Nikeleyeri.

Ikigo cy'u Rwanda gishinzwe ingufu za Atomike (RAEB) gikorana bya hafi n'Ikigo Mpuzamahanga gishinzwe Ingufu za Atomike (IAEA) mu gukurikirana no kongerera imbaraga ubugenzuzi bukenewe mu kubaka ibikorwa remezo bikenewe.

Hari Abanyarwanda benshi bamaze guhugurirwa gukora ibijyanye n'ingufu za Nikeleyeri, mu gihe Guverinoma y'u Rwanda yihaye intego yo kuzaba imaze kubona impuguke zisaga 230 bitarenze mu mwaka wa 2028 zizayobora uru rwego.

Perezida Kagame ahamya ko ubugenzuzi buheruka gukorwa na IAEA bwafashije kugaragaza intambwe imaze guterwa mu gushyira mu ngingo ibyangombwa nkenerwa kugira ngo hubakwe inganda zitunganya ingufu za Nikeleyeri, binagaragara ko ubu rushobora gukurikizaho icyiciro cyo gutangira kubaka uruganda rwa mbere ruzaba rwuzuye bitarenze mu mwaka wa 2030.

Gusa yavuze ko hakirimo gukusanya ubushobozi, kandi kubona inkunga bikaba bikiri imwe mu ngorane ibihugu bya Afurika bihura na zo mu guharanira iterambere ry'ingufu za Nikeleyeri.

Ati: "Imishinga y'ingufu za Nikeleyeri ikenera inkunga zihariye, usanga zitamenyerewe muri banki z'iterambere."

Yaboneyeho gusaba ibigo by'imari ku rwego mpuzamahanga kwagura ubufasha ku mishinga ya Nikeleyeri, ashimira Banki y'Isi yatangiye gukora inyigo y'uburyo yatangira gukuraho amabwiriza akumira izo nkunga z'ubwo buryo.

Yashimangiye ko u Rwanda rwiteguye gukoresha ingufu za Nikeleyeri mu bikorwa bya gisivili gusa, by'umwihariko mu kongera ingufu z'amashanyarazi ndetse no mu bikorwa by'ubuvuzi.

Mu mwaka wa 2023, u Rwanda rwasinyanye amasezerano n'Ikigo Dual Fluid Energy Inc. gikorera mu Budage no muri Canada, agifasha kugerageza ikoranabuhanga ryo gutunganya ingufu za Nikeleyeri mu Rwanda.

Nanone kandi u Rwanda rwakoranye n'ibigo bitandukanye byo mu Burusiya no muri Leta Zunze Ubumwe za Amerika (USA) hibandwa ku kureba uburyo bwo gukora inganda nto zitunganya ingufu za Nikeleyeri.

Impuguke zivuga ko izo nganda zishobora kubakwa ku buso bungana na hegitari ziri hagati ya 10 na 15, aho zikoramo abantu bagera kuri 230 zikaba zishobora gutanga amashanyarazi adahumanye ahagije yunganira umuyoboro mugari.

Biteganywa ko mu gihe u Rwanda ruri muri iyo myiteguro, runitegura kwakira Inama Nyafurika yo guhanga udushya mu by'Ingufu za Nikeleyeri ya 2026, izahuriza hamwe za guverinoma, abashoramari n'abayobozi bakora muri uru rwego aho bazaba bungurana ibitekerezo ku hazaza n'ingufu za Nikeleyeri ku mugabane.





# REG yijeje abagore n'abakobwa bayikorera gukomeza kubongerera ubumenyi

NTAWITONDA JEAN CLAUDE

***Ubwo hizihizwaga Umunsi Mpuzahanga w'Umugore, Sosiyete y'u Rwanda Ishinzwe Ingufu REG yashimye uruhare abagore bafite mu iterambere ry'ikigo ndetse ibizeza gukomeza kubafasha kubongerera ubumenyi kugira ngo Ikigo kigire abagore benshi bajya mu nzego zifata ibyemezo.***



Ubuyobozi bwa REG bwashimiye uruhare rw'abagore mu kunoza umurimo, buhamya ko buzakomeza kubongerera ubumenyi n'ubushobozi

REG ni kimwe mu bigo bitanga urugero rwiza mu gushyira mu bikorwa Politiki y'uburinganire n'ubwuzuzanye mu Rwanda, aho abagore bishimira amahirwe yo kwiga no gukurira mu mirimo irimo n'iyafatwaga nk'iy'abagabo kubera umuco, bakanaherekezwa mu rugendo rw'iterambere.

Bamwe mu bagore n'abakobwa bakora imirimo yaba iyo mu nganda cyangwa ingomero z'amashanyarazi, abayageza ku baturage burira amapoto cyangwa bayageza mu ngo z'abaturage, n'abakora mu biro, bishimira ko imirimo yafatwaga nk'iy'abagabo kubera umuco kuri ubu na bo bayikoramo kandi bagashyigikirwa mu buryo butuma batanga umusaruro.

Mukwindi Uwineza Nicole, umwenjenyeri umaze imyaka isaga 10 akora ibijyanye no gutunganya ingufu muri REG, avuga ko yageze kuri byinshi muri iyo myaka haba mu kazi ndetse no mu buzima bwite abitewe no kongererwa ubushobozi.

Mu kiganiro yagiranye na Imvaho Nshya, Mukwindi Uwineza Nicole yavuze ko ubwo yinjiraga muri REG yisanze mu ruganda rutunganya ingufu ari we mukobwa wenyine, akorana n'abagabo gusa, ariko gushyigikirwa n'Ikigo byatumye akomeza gutera imbere mu murimo.

Arashimira ubuyobozi bwa REG bwamwongereye ubushobozi, aho yatangiye ari umukozi wo hasi, nyuma y'imyaka 10 akaba yaragiye azamuka mu ntera ari na ko yongera ubumenyi n'ubushobozi butuma aba umwe mu benjenyeri b'inararibonye mu Rwanda.

Yakomeje agira ati: "Akazi kaba muri REG, akenshi twajyaga tuvuga ngo ni iby'abagabo kubera umuco. Ariko ubu abagore tumaze kuba benshi kubera kongererwa imbaraga tugendana n'ibihe, ndetse n'ibikorwa bitandukanye bitegurwa n'ubuyobozi bw'Ikigo bigamije kwereka umugore ko ashoboye."

Uyu munsi Uwineza M. Nicole ashinzwe gukora igenamigambi ku ngomero zitanga amashanyarazi zirimo iz'amazi, inganda za gaze, izitanga ingufu zituruka ku mirasire y'izuba n'izindi zitandukanye.

Vuguziga Sharon ushinzwe imikoreshereze y'amavuta y'ibinyabiziga by'Ikigo, na we yishimira ko mu myaka itanu amaze muri REG yabashije kongera ubushobozi, akanazamurwa mu ntera akanishimira ko uyu munsi yungurana ibitekerezo na bagenzi be b'abagabo akazi kakarushaho kugenda neza.

Ati: "Abagore baduha agaciro cyane, kuko mu muco wa kera ntabwo abagore bajyaga mu murimo nk'uko abasore babikoraga ariko twebwe muri REG turi imbere. Baradufasha bakatwongerera ubumenyi, kugira ngo umurimo ugende neza dutange na serivisi nziza ku bakiliya."

Umuyobozi Mukuru wa REG, Armand Zingiro yashimiye abagore uruhare bagira mu gufasha ikigo kugera ku ntego zacyo bakoresheje ubuhanga, umuhate n'ubushobozi bitagereranywa bibaranga.

Yashimiye kandi ubushake bwa Leta y' u Rwanda n'imbaraga yashyize mu kubaka ubushobozi bw'umugore n'umukobwa mu nzego zose bikaba bigaragarira mu bikorwa by'iterambere bimaze kugerwaho.

Yakomeje agira ati: "REG itewe ishema no gukomeza kongerera ubumenyi abagore n'abakobwa kuko ari yo nkingi yo kunoza umurimo mu buryo bw'umwuga. Bityo rero, turabashishikariza gukoresha amahirwe ahari yo guteza imbere umugore mukabyaza umusaruro, ikigo kikagira abagore benshi munzego zifata ibyemezo no mumirimo ya tekinike, tugahora kw'isonga ntawe usigaye inyuma.

Yijeje ko REG itazahwema gukuraho imbogamizi zose zatuma umugore aban-gamirwa mu kazi ke bigatuma adatanga umusaruro usabwa.

Ubuyobozi bwa REG bwanahembye abana b'abakobwa biga muri École des Sciences Saint Louis de Montfort Nyanza no muri Collège Sainte Marie Reine Kabgayi, bagaragaje imishinga ya siyansi itanga ibisubizo birambye mu by'ingufu.

Kuri ubu abagore n'abakobwa basaga 300 ni bo bakora muri REG hakaba harimo abenjenyeri, abatekinisiye, abayobozi n'abakora mu biro, aho bari ku kigero cya 24% by'abakozi bose, mu gihe intego ari iyo kugera nibura kuri 30% by'abagore mu bihe biri imbere.



Abanyeshuri bahanze udushya mu rwegp rw'ingufu bahawe indabo



Umuyobozi Mukuru wa REG Armand Zingiro, yashimiye abO banyeshuri b'abakobwa abashyikiriza n'ibihembo

NTAWITONDA Jean Claude

# Mozambique: Bashimiye Perezida Kagame na Chapo guteza imbere abagore

***Ubuyobozi bwa Ambasade y'u Rwanda muri Mozambique n'abanyarwandakazi baba muri icyo gihugu bashimiye Abakuru b'Ibihugu byombi, Perezida w'u Rwanda Paul Kagame na Perezida wa Mozambique Francisco Daniel Chapo budahwema kwimakaza iterambere ry'umugore mu nzego zose.***

Byavugiwe mu birori byahuje Abanyarwandakazi basaga 120 baba muri Mozambique bizihiza Umunsi Mpuzamahanga wahariwe Umugore ku ya 08 Werurwe 2026, byanitabiriwe n'abatumirwa batandukanye barimo abayobozi bo mu nzego z'ubuyobozi za Mozambique ndetse n'inshuti n'abavandimwe.

Muri ibyo birori biryoheye ijisho hari hatumiwemo Kenneth Viagem Marizane, Umujyanama wa Minisitiri muri Minisiteri y'Umurimo, Uburinganire n'Imibereho Myiza y'Abaturage, na Dr Anabela Inguane wari uhagarariye Perezida w'Inama Njyanama y'Umujyi wa Maputo akaba ashinzwe uburinganire n'ubwuzuzabye.

Komiseri ushinzwe iterambere ry'abari n'abategarugori mu Ihuriro ry'Umuryango w'Abanyarwanda muri Mozambique, Madamu Sangwa Aline yahaye ikaze abatumirwa, n'abari



Abanyarwandakazi baba muri Mozambique bishimiye uko u Rwanda na Mozambique byimakaza iterambere ry'umugore

n'abategarugori bitabiriye ibirori.

Mu ijambo rye, yagize ati: "Munyemerere mbashimire mwese mwabashije kugera hano tugafatanya kwizihiza Umunsi Mpuzamahanga w'Umugore kuri iyi tariki ya 08 Werurwe 2026. Uyu mwaka turazirikana insanganyamatsiko igira iti: 'Uburenganzira n'ubutabera ku bagore n'abakobwa bose'. Mu Rwanda tukitsamo tuti, 'Umugore ni uw'Agaciro.'"

Yashimiye n'Igihugu cy'u Rwanda intambwe kimaze gutera mu buringanire no kuzamura ubushobozi bw'abagore.

Yavuze kandi ko abagore bari ku isonga mu nzego zose z'Igihugu, kandi bigaragara ko umugore iyo ahawe amahirwe n'Igihugu kirushaho gutera imbere.

Yakomeje agira ati: "Mureke tubyaze umusaruro amahirwe twahawe n'Igihugu cyacu, twigirire icyizere twiyubakemo ubushobozi.

Yasoje ashimira Leta ya Mozambique uburyo ibungabunga ubuzima bwa buri munsi bw'abagore.

Ambasaderi w'u Rwanda muri Mozambique, Donat Ndamage na we yahaye ikaze intumwa z'abayobozi ba Mozambique ari bo Kenneth Viagem Marizane na Madamu Dra Anabela Inguane.

Yashimiye abayobozi ba Ambasade n'abayobozi ba RCA Mozambique, ashimira kandi Komisiyo y'abari n'abategarugori yateguye ibyo ibirori.

Yagize ati: "Tugomba gukomeza kubaka ibihugu birangwa n'uburinganire, ubutabera n'iterambere rirambye, aho umugore n'umukobwa bagira uruhare rusesuye mu mibereho n'imiyoborere by'Igihugu. Tinyuka mugore urashoboye, muri abo twashakanye ntimukiri abafasha."

Yakomeje ashimangira uruhare rukomeye rw'abagore mu miyoborere y'Igihugu, agaruka ku mibare igaragaza uburyo mu Nteko Ishinga Amategeko abagore bagize 63%, naho mu bayobozi b'Uturere ni 28%, abayobozi b'Uturere bungirije ni 15%.

Yashimiye kandi abaperezida b'ibihugu byombi, Perezida w'u Rwanda Paul Kagame na Perezida wa Mozambique Francisco Daniel Chapo, uburyo badahwema guteza imbere abagore, uburinganire, ubutabera no kubashyira mu nzego zifata ibyemezo.

Yasoje ashimira kandi ibikorwa by'indashyikirwa by'abagore, mu mibereho myiza y'imiryango yabo, ahamya ko "Ukurusha umugore aba akurusha urugo."

Kenneth Viagem Marizane wahagarariye Guverinoma ya Mozambique nk'umushyitsi mukuru, yashimiye Umuryango Nyarwanda uba muri Mozambique cyane cyane abagore.

Ati: "Abagore b'Abanyarwanda ni abakozi, abanyabwenge, inyangamugayo kandi ni beza cyane."

Yasoje ashima imikoranire myiza hagati y'u Rwanda na Mozambique.

Itorero rya Ambasade y'u Rwanda muri Mozambique ryasusurukije abari aho mu ndirimbo n'imbyino nyarwanda cyane cyane izirata ishema n'isheja by'abagore, hakurikiraho gusangira no gusabana bisozwa

# Perezida w'Urukiko rw'Ikirenga yasabye ko ibibazo biri muri serivisi z'ubutaka bikemurwa

ZIGAMA Theoneste

***Perezida w'Urukiko rw'Ikirenga Mukantaganzwa Domitilla yasabye abanditsi b'impapurompamo z'ubutaka gushyira imbaraga mu guhangana n'ibibazo bishingiye ku butaka Abanyarwanda bagihura na byo.***

Yabigarutseho ku wa Gatatu tariki ya 11 Werurwe 2026, ubwo yakiraga indahiro z'abanditsi batatu b'impapurompamo z'ubutaka barimo Dr. Biraro Mireille, Twizeyeyezu Jean Pierre na Uwayisenga Vedaste.

Yagize ati: "Ikibazo cy'imicungire y'ubutaka mu Rwanda, kigeze heza, ubu Abanyarwanda twese twishimira ko dufite uburenganzira ku butaka. Ibisigaye ni ukubukoresha neza. Turababwira ko hari ibibazo byinshi, bifitanye isano n'imicungire y'ubutaka.

Urukiko rw'Ikirenga rugaragaza ko abo barahiriye inshingano rubafitiye icyizere cyo kuzatanga umusanzu bitezweho bafatanyije n'izindi nzego bazakorana. Perezida w'Urukiko rw'Ikirenga Mukantaganzwa yasabye abo barahiriye inshingano kugira ubunyangamugayo no gukomeza gukorana umwete, kandi ko Igihugu kibafitiye icyizere.

Yashimiye kandi imiryango y'abo banditsi batangiye inshingano nshya ko yemeye ko bakora ako kazi ubusanzwe kaba katoroshye kandi asaba abagize iyo miryango gukomeza gushyigikira abarahiye, mu nshingano zose Igihugu kizaba cyabageneye.




Perezida w'Urukiko rw'Ikirenga Mukantaganzwa Domitilla yasabye ko ibibazo bikiri muri serivisi z'ubutaka bikemurwa

Ati: "Iyo Igihugu kiguhamagaye uritaba, ubwo rero muzabumve mubashyigikire, cyane cyane muri izi nshingano bahawe, zizaba zireba abaturanyi, abavandimwe namwe ubwanyu zibareba, muzabafashe gukomera ku bunyangamugayo, kubahiriza amategeko no kudatatira indahiro bamaze gukora mu kanya."

Abarahiye bagaragarije itangazamakuru ko biteguye gutanga serivisi zinoze. Dr Biraro Mireille yavuze ko biteguye kubahiriza inshingano bahawe na Perezida Paul Kagame by'umwihariko bakibanda mu gutanga serivisi zinoze.

Yagize ati: "Umuturage umuteze amatwi, ni bwo umenya amakuru, kuko abaturage iyo tutabakiriye ngo tubasubirize ku gihe ubutaha ntabwo bagaruka, kandi iyo batagarutse natwe tuba tubuze amakuru y'ingenzi. Uriya muntu wakiriye aza akubwira icyo yahinduye ku butaka, ni cyo cy'ibanze tuzakora kuko kijya kigora benshi"

Uwayisenga Vedaste, umubitsi w'inyandiko mpamo z'ubutaka nyuma yo kurahira na we yavuze ko kuba ubutaka bwo mu gihugu bwanditswe bagomba gukora ibishoboka byose bagahangana n'ibibazo bigaragara muri izo serivisi.

Yagize ati: "Hari ibibazo byo gukosoza imbibi, tuzibandaho harimo no kwita ku kureba imikoreshereze y'igishushanyombonera tureba niba ahagenewe ubuhinzi bashobora kuhakoresha neza".





Imvaho Nshya
Soma Usobanukirwe Buri Munsi

# Ijambo ry'Ibanze

## *Ibihano bidakosora nta gaciro bigira*

Guha umuntu igihano umurenganya bishobora kumugiraho ingaruka z'ako kanya ariko aba azi ko arengana, rimwe na rimwe hari ubwo bimuviramo kwigomeka kuri ibyo bihano bikarangira havutse ibibazo biruta ibyari bihari.

Impamvu nyamukuru ituma habaho guhana uwakosheje ni ukugira ngo akure isomo mu buribwe aterwa n'icyo gihano maze yihane, cyangwa se ahindure imikorere yerekeza mu murongo muzima.

Ariko guhana umwere bishobora kongera ikibatsi mu muriro, kuko biba bimeze nko kubwira uwakosheje ko ibyo akora bikwiye kandi hari abandi bagomba kwirengera ingaruka z'imikorere ye idahwitse.

Ntabwo igihe umuntu, umuryango cyangwa Igihugu bishobora kunguka ubumenyi buturuka ku kwigira ku makosa, mu gihe bidahabwa amahirwe yo kwirengera ingaruka z'imikorere n'imigirire yabo.

Mu myaka isaga 30 ishize, Akarere k'Ibiyaga Bigari kahuye n'ibibazo by'umutekano muke byahuriranye no kuba ibihugu bisangiye amateka, imico n'indimi, bigatandukanywa gusa n'imipaka itagaragara yaciwe n'Abakoloni.

Ikosa ry'Abakoloni bakase iyo mipaka ryakomeje kugira ingaruka n'uyu munsi aho bamwe mu baturage bamburwa uburenganzira kuri gakondo yabo atari uko batavutse nk'abandi, ahubwo bishingiye ku nyungu za Politiki n'imiyoborere mibi.

Ku bw'amateka ibihugu byo mu Karere bisangiye, amakosa y'igihugu kimwe birangira agize ingaruka ziziguye n'izitaziguye ku baturanyi.

Jenoside yakorewe Abatutsi mu 1994, ni icyago kiruta ibindi ku Isi cyabayeho mu kinyejana cya 20, aho amakosa y'abayiteguye bakayishyira mu bikorwa akigira ingaruka ku batuye Akarere kose.

Igitangaje ni uko Jenoside yakorewe Abatutsi mu 1994 yabaye amahanga arebera, ayita ubushyamirane bw'amoko, kugeza abasaga miliyoni bishwe mu gihe cy'iminsi 100 gusa.

Umuryango FPR Inkotanyi wahagurutse ukarwanya Jenoside wahuye n'ingorane nyinshi zirimo n'uko amahanga yareberaga abantu bicwa yabonye amakosa mu rugendo rwo kubatabara no kongera kubaka Igihugu.

Mu kurwana ku kuri no gusigasira ahazaza h'u Rwanda nk'igihugu kitahabwaga amahirwe yo gukomeza kubaho, bamwe mu bari abayobozi bafatiwe ibihano na ya mahanga yirengagije Igihugu mu bihe bigoye.

Kugeza n'uyu munsi aya mahanga akomeje gufatira u Rwanda ibihano ku makosa y'abaturanyi bakomeje guha intebe urwango n' amacakubiri byarugejeje kuri Jenoside yakorewe Abatutsi mu 1994.

Imvugo z'urwango n'amacakubiri, ubwicanyi bishingiye ku moko n'ingengabitekerezo ya Jenoside bikomeje guhabwa intebe, bikajyana no gushyigikira umutwe w'iterabwoba wa FDLR umaze imyaka isaga 30 ugerageza guhungabanya umutekano w'u Rwanda.

Ibyo bihano byirengagiza kurandura ikibi nta gaciro bifite kuko bidakuraho ibibazo Akarere gahanganye na byo, ahubwo byongerera imbaraga ibibazo by'umutekano bisubiza inyuma Akarere k'Ibiyaga Bigari mu iterambere.

Mu gihe ibihano bishobora kubabaza u Rwanda by'igihe gito, kugendera mu murongo w'ikibi ku bw'inyungu za Politiki byo bigira ingaruka z'igihe kirekire bikarema icyuho ya mahanga yungukiramo.

# Serivisi z'imari zigera ku Banyarwanda 92% hakoreshejwe ikoranabuhanga - Dr Nsengiyumva

ZIGAMA Theoneste

***Minisitiri w'Intebe w'u Rwanda Dr Justin Nsengiyumva yavuze ko u Rwanda rukataje mu kubaka urwego rw'imari rutajegajega rushingiye ku ikoranabuhanga, aho Abanyarwanda bagera kuri 92% bagerwaho n'izo serivisi barikoresheje.***

Yabigarutseho ku wa Gatatu tariki ya 11 Werurwe 2026, ubwo yatangizaga Inama Mpuzamahanga ya 3 yiga ku guteza imbere ikoreshwa ry'ikoranabuhanga muri serivisi z'imari zidaheza (Inclusive Fintech Forum 2026) iteraniye i Kigali.

Yavuze ko u Rwanda rwafashe iya mbere mu gushyiraho ibikorwa remezo byorohereza abantu kugera ku ikoranabuhanga aho bari hose kandi bikaba ari ryo shingiro ry'ubukungu bw'Igihugu.

Yagize ati: "U Rwanda rwafashe iyi nshingano kandi rukomeje kwiyemeza. Mu myaka 20 ishize, twashyize imbaraga mu guteza imbere igihugu hakoreshejwe ikoranabuhanga rigezweho, nk'ishingiro ry'ihiganwa mu bukungu mu buryo burambye.

Ubu igihugu gifite internet ya 4G igera hafi ku baturage bose. Serivisi za Leta zashyizwe kuri murandasi binyuze ku mbuga nka IremboGov, bigatuma serivisi zitangwa neza kurushaho, mu mucyo kandi abaturage bakazigeraho byoroshye."

Minisitiri w'Intebe Dr Justin Nsengiyumva yavuze ko mu Rwanda kwishyurana hakoreshejwe ikoranabuhanga biri kugenda byiyongera cyane mu bucuruzi bunini, ubuto n'ubucuriritse, kandi bikomeza guteza imbere kwinjiza abantu benshi muri serivisi z'imari.

Ati: "Kugeza ubu 92% by'abantu bafite imyaka y'ubukure mu Rwanda bagerwaho na serivisi z'imari, bigaragaza iterambere rihamye ry'urwego rwa FinTech mu gihugu.

Binyuze mu ikoranabuhanga rigezweho, umuhinzi uri mu cyaro ashobora kwakira amafaranga mu kanya gato. Umusore



Minisitiri w'Intebe, Dr Justin Nsengiyumva yagaragaje ko gukoresha ikoranabuhanga mu rwego rw'imari bihagaze neza

cyangwa umukobwa ufite igitekerezo cy'ubucuruzi ashobora kubona inguzanyo akoresheje telefoni ye."

Dr Nsengiyumva yavuze ko hakiri byinshi byo gukora kugira ngo ikoranabuhanga muri serivisi zikomeze kugera henshi kandi nta n'umwe ziheza, kandi hakongerwa imbaraga mu guhanga udushya.

Ati: "Intego yacu ubu ni ugushyiraho uburyo bwiza kurushaho mu guhanga udushya n'ishoramari. Ibi birimo gukomeza korohereza abashoramari no gushyiraho amategeko y'abigenga.

Mu ntambwe twateye vuba aha harimo n'itegeko riri gutegurwa rigenga ubucuruzi bujyanye n'imitungo y'ikoranabuhanga, rizafungura amahirwe mashya y'iterambere, kandi ritange icyizere ku bashoramari n'abaguzi."

Yibukije abitariye iyo nama ko mu gihe Isi irangamiye iterambere ry'ahazaza, hagombaga gutekerezwa ku mbogamizi zigihari zibangamira ikoranabuhanga muri serivisi z'imari by'umwihariko ku Mugabane wa Afurika.

Ati: "Kubona imari ihendutse biracyagoye, kohereza amafaranga hagati y'ibihugu biracyahenda kandi bikagenda buhoro, ndetse no kudahuza amategeko mu bihugu bitandukanye bikongera ingaruka n'ibiciro bihanitse by'ubucuruzi. Afurika ntishobora kubaka ubwigenge bwayo mu by'imari ishingiye ku miyoboro idafiteho ububasha."

Yavuze ko ibikoresho n'amasezerano hagati y'ibihugu by'Afurika agamije koroherezanya mu by'ikoranabuhanga ku Isoko Rusange rya Afurika (AfCFTA n'ibindi bikubiye mu gushyiraho sisitemu yo guteza imbere ubucuruzi kuri uwo mugabane bikwiye kwitabwaho n'impande zose bireba.

Dr Nsengiyumva yerekanye ko ku Mugabane wa Afurika, hakwiye gushyirwa imbaraga mu kubaka ingufu z'amashanyarazi, ibikorwa remezo bigezweho, inganda no gushyigikira iterambere ry'umutungo kamere w'abantu.

Ati: "Muri ibi byose, ikoranabuhanga mu by'imari ribifitemo uruhare rukomeye. Ryagura uburyo bwo kugera ku mari, igabanya ibiciro by'ihererekanya ry'amafaranga, kandi rigafasha abantu n'ubucuruzi bubarirwa muri za miliyoni kwinjira neza mu bukungu bwemewe n'amategeko."

Yavuze ko Inama ya gatatu yiga ku iterambere ry'Ikoranabunga muri serivisi z'imari ibaye mu gihe Umugabane wa Afurika ndetse no ku Isi muri rusange hari uburyo urwego rw'imari n'ubukungu byakoragamo mu myaka myinshi ishize burimo gutera imbere cyane cyane kandi ku buryo budashidikanywaho.

Ati: "Afurika, yamaze igihe kirekire iri inyuma muri uru rwego rw'imari mpuzamahanga, ikeneye inkunga mu iterambere no kugera ku masoko mpuzamahanga.

Iki gihe kirimo amahirwe mashya, kubera ko Afurika yakunze kuba inyuma mu by'imari ku rwego rw'Isi, akenshi igahura n'ibiciro bihanitse by'inguzanyo n'amahirwe make yo kubona imari.

Ati: "Dufite byinshi twungukira mu kongera gutekereza uburyo sisitemu z'imari zubakwa n'uburyo zitera imbere muri iki gihe."

# Ikinyabiziga cyafunzwe kigiye kujya gitezwa cyamunara mu mezi 3 – Byinshi ku itegeko rishya rigenga ikoreshwa ry’umuhanda

UBWANDITSI

***Itegeko rishya N° 014/2026 ryo ku wa 06/03/2026 rigenga ikoreshwa ry’umuhanda, ryasohotse mu Igazeti ya Leta ku wa 10 Werurwe 2026, ryagaragaje impamvu ikinyabiziga gishobora gufungwa, igihe cyemerewe kumara gifunzwe kigatezwa cyamunara cyangwa kikigurishirizwa na nyiracyo.***



Mu mezi 3, ikinyabiziga cyafunzwe kizajya gitezwa cyamunara

Ingingo ya 19 y’iri tegeko, iteganya ko igihe ntarengwa cyo gufunga ikinyabiziga ari amezi atatu abarwa uhereye ku munsi kugifunga byemerejweho n’umuyobozi ubifitiye ububasha.

Ingingo ya 20 ivuga ko ikinyabiziga gifunzwe gishyirwa ahantu habugenewe, nyiracyo akishyura amafaranga ajyanye n’iryo fungwa.

Iyo amezi atatu arangiye nyir’ikinyabiziga cyangwa umuhagarariye wemewe n’amategeko adakuye ikinyabiziga aho gifungiwe, kigurishwa mu cyamunara hubahirijwe igenagaciro rikozwe n’umugenagaciro wemewe n’amategeko cyangwa kigashyikirizwa ikigo cyemerewe gutandukanya ibice bikigize, kubivugurura no kubivanamo ibyangiza ibidukikije.

Mu gihe ikinyabiziga gifunzwe, nyiracyo yemererwa, iyo abisabye, kukigurishiriza hubahirijwe igenagaciro rikozwe n’umugenagaciro wemewe n’amategeko.

Umuyobozi ubifitiye ububasha akuraho icyemezo cyo gufunga ikinyabiziga abyibwirije cyangwa abisabwe na nyiracyo cyangwa umuhagarariye wemewe n’amategeko, amaze kugaragaza ko icyatumye ikinyabiziga gifungwa kivuyeho kandi yishyuye amafaranga ajyanye n’ifungwa ryacyo, iyo ari ngombwa.

Icyemezo cyo gufunga ikinyabiziga gishobora kandi gukurwaho n’urukiko rubifitiye ububasha, rubisabwe na nyiracyo cyangwa umuhagarariye wemewe n’amategeko.

Ikirego gisaba ikurwaho ry’icyemezo cyo gufunga ikinyabiziga gitangwa mu buryo bw’ikirego cyihutirwa.

**Dore impamvu ikinyabiziga cyawe gishobora gufungwa**

Iri tegeko rivuga ko gufunga ikinyabiziga bikorwa hashingiwe ku cyemezo gifatwa n’umuyobozi ubifitiye ububasha cyo gushyira ikinyabiziga ahantu hateganyijwe ku mpamvu zo kubungabunga umutekano wo mu muhanda kugeza igihe ikinyabiziga gishubijwe nyiracyo, kigurishijwe na nyiracyo cyangwa gitejwe cyamunara.

Umuyobozi ubifitiye ububasha ufunze ikinyabiziga yuzuza ifishi yabugenewe yo gufunga ikinyabiziga, agaha nyiracyo cyangwa umuyobozi wacyo kopi yayo.

Amabwiriza y’urwego rufite kurinda umutekano wo mu muhanda mu nshingano agena imiterere n’ibikubiye mu ifishi yo gufunga ikinyabiziga.

Gufunga ikinyabiziga bishobora kubanzirizwa no kukibuza kugenda, mu gihe umugenzacyaha cyangwa umukozi ubifitiye ububasha asanga ari ngombwa kandi hakurikijwe ibiteganywa n’iri tegeko.

**Impamvu zo gufunga ikinyabiziga**

Ingingo ya 18 y’iri tegeko igaragaza ko ikinyabiziga gifungwa iyo cyatawe cyangwa cyasizwe ku muhanda cyangwa ku mpande zawo ku buryo bubangamiye umutekano wo mu muhanda kandi nyiracyo adashobora kuboneka iyo nyiracyo cyangwa umuyobozi wacyo atakemuye ibyatumye kibuzwa kugenda.

Nanone kandi gishobora kufungwa iyo kitakoreshejwe hakurikijwe ibyasabwe mu isuzuma rya tekiniki cyakorewe, cyateje impanuka yo mu muhanda yapfiriyemo umuntu, cyangwa kitanditswe mu mazina y’uwakiguze cyangwa uwagihawe mu gihe giteganywa n’itegeko;

Indi mpamvu ikinyabiziga gishobora gufungwa nk’uko iyi ngingo ya 18 ikomeza kubigaragaza, ni iyo uhanishijwe ihazabu yo mu rwego rw’ubutegetsi kubera ikosa riteganyijwe muri iri tegeko atubahirije igihe cyo kwishyura, cyangwa ku mpamvu z’iperereza ry’ibanze, mu gihe umuyobozi wacyo apimwe agasangwamo igipimo cya arukoro mu maraso gisumba igiteganywa n’itegeko.

Ingingo ya 20 ivuga ko ikinyabiziga gifunzwe gishyirwa ahantu habugenewe, nyiracyo akishyura amafaranga ajyanye n’iryo fungwa.

Mu gihe ikinyabiziga gifunzwe, nyiracyo yemererwa, iyo abisabye, kukigurishiriza hubahirijwe igenagaciro rikozwe n’umugenagaciro wemewe n’amategeko.

Iteka rya Minisitiri rigena ku buryo burambuye ibijyanye n’imicungire y’ikinyabiziga gifunzwe, uburyo bwo kukigurishiriza, kukigurisha mu cyamunara n’uko gutandukanya ibice bikigize, kubivugurura no kubivanamo ibyangiza ibidukikije bikorwa.

Rigena kandi imiterere, imitunganyirize n’imikoreshereze by’ahantu hashyirwa ikinyabiziga gifunzwe, amafaranga agitangwaho, uko abarwa n’uko yishyurwa.

Iri tegeko kandi rinagaragaza ibyerekeye gutanga impushya zo gutwara ibinyabiziga, uko zishobora guhagarikwa by’agateganyo n’abatemererwa gukora ikizamini cyo kuzihabwa.

Riteganya kandi amakosa yo mu muhanda, ibihano n’uburyo bikurikiranwa, aho uwanze gupimirwa alukoro azajya acibwa ihazabu y’amafaranga y’u Rwanda 300.000 itarenze 600.000 Frw n’igifungo kitarenze amezi atandatu.

NYIRANEZA Judith

# Ruhango: Yahereye ku nkoko 10 none ageze kuri 600, ihene 6 n’inka 2

***Mukamurigo Ester utuye mu Mudugudu wa Gitwa, mu Kagari ka Rwoga, mu Murenge wa Kabagali mu Karere ka Ruhango woroye inkoko avuga ko zamukuye habi, kuko mbere yabagaho aca inshuro, none ubu akaba ahereye ku nkoko 10, yarazamutse bimugeza ku ihene 6, inkoko 600 n’inka 2 mu gihe cy’imyaka hafi 3.***

Yasobanuye ko ubworozi bw’inkoko 10 yahereyeho yazihawe n’umushinga wa Minisiteri y’Ubuhinzi n’Ubworozi, binyuze mu mushinga ugamije koroza abaturage b’amikoro make amatungo magufi ngo abafashe kwikura mu bukene.

Yagize ati: “Mbere nabagaho njya guca inshuro no guhonda amabuye narabikoze, nshaka amafaranga, ariko mbona ubuzima buranze. Nyuma naje gutoranywa mu bazahabwa amatungo n’umushinga PRISM. Bampaye inkoko 10, ndazorora zirakura, zitera amagi nkajya nyagurisha nk’abase karimo nk’amagi 500, nkuramo ihene.”

Yongeyeho ati: “Isake zimaze gukura nkuyemo ka gahene nagurishije ya magi 30 000Frw, za nkoko nazo zikomeje gutera, havuyemo amasake 6 ndayagurisha mbonamo amafaranga y’u Rwanda 72 000 nyagura ihene 2 zisanga ya yindi imwe.”

Yagaragaje ko uwo mushinga wabahaye amahugurwa yo kwikura mu bukene.

Ati: “Amahugurwa nahawe nuwo mushinga PRISM n’inama biruta iyabo nahabwa. Za hene ndagenda na za nkoko ndabigurisha mfata imishwi nkayikuza, nkayimarana ukwezi nkayijyana ku isoko, ndazigurisha inkoko 100 zose nzikuramo 250 000Frw, ndongera nguramo imishwi 200 ku 220 000Frw.”

Mukamurigo abonye ko umushinga wunguka yongereye umubare w’izo yorora. Ati: “Ndakomeza ndorora, nanone izo nkoko ukwezi gushize ndazigurisha nkuramo 500 000 Frw.

KOMEZA KU RUP.9





# Ruhango: Yahereye ku nkoko 10 none ageze kuri 600, ihene 6 n’inka 2



Mukamuringo Esther ahamya ko akurikije uburyo ubworozi bw’inkoko bwamuzamuye atareka kuzorora

IBIKURIKIRA URUP.8

Nagiye mu itsinda nguzamo amafaranga nyongeraho ntumizamo indi mishwi 500, ndayigurisha nkuramo 1 200 000Frw.”

Avuga ko ihene nazo zororotse, ubu akaba afite 6. Ikindi kandi yaragijwe inka n’umuntu, akomeza kuzamuka. Ati: “Za hene zarororotse nzikuye mu magi n’inkoko nahawe na PRISM ku buryo ubu mfite ihene 6, kandi umuntu yandagije inka, ibyaye ampa inyana yayo nkomeza kuzamuka gutyo, ku buryo ubu mfite inka n’inyana yayo.

Mukamurigo avuga ko afatanyije n’umugabo we bajya inama ku gukomeza kuzamura ubworozi, bw’inkoko bahereye ku zo bahawe, bakaba bateganya kwagura ibiraro.

Yavuze ko ubu ageze ku nkoko 600 kandi afite icyifuzo cyo kwagura ibiraro akazorora izigera ku 2 500.

Mukamurigo avuga ko ifumbire ahabwa n’inkoko yamufashije no kongera umusaruro w’ubuhinzi, aho yakuraga imyumbati nk’ibilo bitagera mu icumi ubu akuramo ibilo magana abiri.

Umuyobozi w’Akarere ka Ruhango wungirije ushinzwe Iterambere ry’Ubukungu, Rusilibana Jean Marie Vianney, yavuze ko umushinga PRISM waje hari byinshi bikenewe mu gufasha abaturage kuva mu bukene.

Yagize ati: “Muri gahunda yo gukura abaturage mu bukene, Ruhango yaje ku isonga mu gukura abaturage benshi mu bukeme nk’uko byagaragajwe na Minisiteri y’Ubutegetsi bw’Igihugu.

Ikindi umushinga wafashije abaturage kugabanya imirire mibi bava ku kigero cya 39% bagera kuri 22%.”

Yagaragaje ko amahugurwa abaturage bahawe n’umushinga PRISM yatanze umusaruro n’akazi ku bandi baturage. Ati: “Hahuguwe 1966 bahawe ubumenyi bwo kubaka umuntu, babonye amatungo magufi arimo inkoko, ingurube n’ihene, hanyuma bagiye baha na bagenzi babo baboroza, ndetse byahanze n’imirimo. Umworozi wo muri Kabagali yatanze akazi, byafashije n’abandi.”

Yakomeje yizeza kandi ko ibikorwa remezo bijyanye no guteza imbere ubworozi birimo amasoko, ibagiro ry’ingurube ryubatse mu Murenge wa Byimana, ivuriro ry’amatungo, ubuyobozi bwatoje abaturage kubyitaho, bakabibungabunga kuko ari ibyabo ku buryo n’igihe umushinga uzaba urangiye, ibikorwa by’ubworozi bizakomeza, nta kizabikoma mu nkokora.

# Muri Mozambique, u Rwanda rutanga ku ngabo akubye inshuro 10 aya EU– Makolo



Umuvugizi wa Guverinoma y’u Rwanda Yolande Makolo yagaragaje ko u Rwanda rushora menshi muri Mozambique

ZIGAMA Theoneste

***Umuvugizi wa Guverinoma y’u Rwanda, Yolande Makolo, yatangaje ko ubutumwa bw’ingabo z’u Rwanda muri Mozambique bwo kugarura umutekano mu Ntara ya Cabo Delgado, u Rwanda rubutangaho amafaranga akubye inshuro 10 inkunga itangwa n’Umuryango w’Ubumwe bw’u Burayi ya Miliyoni 20 z’Amayero (Miliyari zisaga 33 z’Amafaranga y’u Rwanda).***

Yabitangaje ku mbuga nkoranyambaga ku wa Gatanu tariki ya 14 Werurwe 2026 ashimangira ko izo ngabo zitajyanywe n’izindi nyungu ahubwo zagiye ku busabe bw’Igihugu cya Mozambique.

Ni ubutumwa yanditse asubiza Ikinyamakuru Bloomberg giherutse gutangaza ko inkunga ya EU yahabwaga ingabo z’u Rwanda muri Mozambique bitarenze muri Gicurasi uyu mwaka, izahagarara kandi nta gahunda ihari yo kuyongera.

Mu 2024 ni bwo icyo kigega cyashyiriweho gushyigikira ibikorwa by’ingabo z’u Rwanda mu kurwanya iterabwoba muri Mozambique, cyagennye Miliyoni 20 z’amayero angana na miliyoni 23 z’Amadolari (asaga miliyari 33 z’amafaranga y’u Rwanda) akaba yarakoreshwaga n’ingabo n’abapolisi mu kubona ibikoresho no kubona ibibatunga nk’uko Akanama ka EU kabivuze.

Makolo yashimangiye ko uko u Rwanda rukomeza kohereza ingabo zarwo bishingiye ku kwimakaza ubufatanye bw’ibihugu byombi mu kurwanya iterabwoba muri Mozambique, kandi kugira ngo bigerweho, bishingira ku kubona inkunga ihagije kandi ihoraho.

Yagize ati: “Iki ni cyo gice cy’inkunga gitangwa n’Ikigega cy’Amahoro cy’u Burayi (European Peace Facility), kandi kugeza ubu hamaze gutangwa hafi miliyoni 20 z’Amayero.

Nyamara ikiguzi cyose u Rwanda rukoresha muri ubu butumwa kirenga nibura inshuro 10 ayo mafaranga, tutibagiwe n’igitambo gikomeye cyo kubura ubuzima bw’abasirikare, byose bigamije kugarura ituze muri Cabo Delgado.”

Yibukije ko ingabo z’u Rwanda zagiye muri Cabo Delgado mu mwaka wa 2021 bisabwe na Leta ya Mozambique, hagamijwe gufasha igihugu cy’inshuti cyo muri Afurika cyari gikeneye ubufasha. Ati: “Amafaranga si yo yari ku mwanya wa mbere mu byatekerezwaga.”

Umuvugizi wa Guverinoma y’u Rwanda yashimangiye ko ibyagezweho muri ubu butumwa byivugira kandi bifitiye akamaro abaturage n’abashoramari b’abanyamahanga bakomeza ibikorwa byabo mu mutekano usesuye bakesha inzego z’umutekano z’u Rwanda.

Ati: “Abaturage basubiye mu ngo zabo, abana basubiye ku mashuri, ubucuruzi bwongeye gufungura, ndetse n’ishoramari rinini ry’abanyamahanga rirarinzwe.

Kugira ngo bisobanuke neza, ibikorwa by’Ingabo z’u Rwanda mu kurwanya iterabwoba muri Cabo Delgado byagiriye akamaro abaturage ba Mozambique ndetse n’ibigo bishora imari mu mishinga ya gaz. Bityo gushyigikira ibi bikorwa si impuhwe cyangwa impano ihabwa u Rwanda.”

Uwo muyobozi yahamije ko mu gihe ubuyobozi bw’Ingabo z’u Rwanda bwabona ko akazi gakorwa n’Ingabo z’u Rwanda muri Cabo Delgado kadahabwa agaciro, “ byaba ari ukuri ko basaba Leta guhagarika ubu bufatanye bwo kurwanya iterabwoba no gukura izo ngabo muri Mozambique.”

Hagati aho, ku wa Gatanu tariki ya 13 Werurwe u Rwanda rwohereje izindi ngabo n’abapolisi muri Mozambique gusimbura izari zisanzweyo mu butumwa bwo kurwanya ibyihebe.

> **“Abaturage basubiye mu ngo zabo, abana basubiye ku mashuri, ubucuruzi bwongeye gufungura, ndetse n’ishoramari rinini ry’abanyamahanga rirarinzwe.”**

# Banki Nkuru z'u Rwanda na Kenya zashyize umukono ku bufatanye mu by'imari

ZIGAMA Theoneste

***Banki Nkuru y'u Rwanda (BNR) n'iya Kenya (CBK) bashyize umukono ku masezerano agamije koroherezanya guhanahana impushya mu bijyanye na serivisi zikoresheje ikoranabuhanga mu bigo by'imari n'amabanki, yitezweho koroshya imikorere y'ibigo bitanga serivisi zo kwishyurana n'ibigo by'imari hagati y'u Rwanda na Kenya.***

Ni igikorwa cyabaye ku wa Gatatu tariki ya 11 Werurwe 2026 mu nama mpuzamahanga yiga ku kwimakaza serivisi z'imari zidaheza (Inclusive FinTech Forum 2026).

Aya masezerano yasinyiwe i Kigali aho u Rwanda rwahagarariwe na Guverineri wa BNR, Soraya Hakuziyaremye, mu gihe Kenya yari ihagarariwe na Visi Guverineri wa CBK, Gerald Nyaoma.

Aya masezerano agamije kugabanya inzitizi zishingiye ku mabwiriza agenga ibigo by'imari, no kubyorohereza kubona impushya mu gihugu kimwe kwagurira serivisi zabyo mu kindi bidasabye kongera kunyura mu nzira zo kuzisaba bundi bushya.




**Banki Nkuru y'u Rwanda (BNR) n'iya Kenya (CBK) bashyize umukono ku masezerano yo koroherezanya guhana serivisi hakoreshejwe ikoranabuhanga**

Inzego zashyize umukono kuri ayo masezerano zihamya ko yitezweho gufasha guteza imbere uburyo bwo kwishyurana hifashishijwe ikoranabuhanga hagati y'ibihugu no kongera ubufatanye mu rwego rw'imari mu Karere ka Afurika y'Iburasirazuba.

Geveriniri wa Banki Nkuru y'u Rwanda (BNR) Hakuziyaremye yagize ati: "Ibi ni intambwe ikomeye igaragaza ibyo twagezeho mu mbaraga dusangiye zigamije gushimangira ihuzabikorwa mu by'imari no guteza imbere urwego rwo kwishyurana hifashishijwe ikoranabuhanga mu karere kacu".

Yagaragaje ko iki gikorwa gishingiye ku ntambwe zari zimaze guterwa mbere, cyane cyane kwemeza amasezerano na Banki Nkuru ya Ghana muri Gashyantare 2025, yo kwemeranya ku ruhushya rwo gukorera hagati y'ibyo bihugu.

Uwo muyobozi yavuze ko iyo gahunda yo kwemeranya ku ruhushya rwo gukorera mu bindi bihugu izafasha guteza imbere guhanga ibishya mu by'imari, kongera ihangana ku isoko, no kwagura serivisi zo kwishyurana zifashisha ikoranabuhanga mu bihugu bitandukanye.

Yakomeje avuga ko iki gikorwa kijyana n'intego ngari zo kwishyira hamwe mu Karere no ku rwego rwa Afurika, zirimo gahunda yo guhuza uburyo bwo kwishyurana mu Muryango w'Afurika y'Iburasirazuba (EAC), ndetse n'intego z'isoko rusange rya Afurika (AfCFTA).

Yagize ati: "Iyi gahunda yateguwe ku buryo yaguka kandi ikaba yafunguriwe izindi banki Nkuru z'Ibihugu byo muri Afurika zishaka kuyigiramo uruhare.

Mu kuyagura, dushobora gufatanya kugabanya inzitizi zishingiye ku mabwiriza, tugafasha abatanga serivisi zo kwishyurana bizewe kwagura ibikorwa byabo bambuka imipaka, ndetse tukihutisha iterambere rya sisitemu ihuriweho yo kwishyurana hifashishijwe ikoranabuhanga ku Mugabane wa Afurika."

Gerald Nyaoma Visi Guverineri wa Banki Nkuru ya Kenya yavuze ko ibigo bitanga serivisi zo kwishyurana akenshi bikorera mu bihugu bitandukanye byo mu Karere, ariko bikaba bigisabwa kubona impushya nyinshi zo gukora, nubwo amabwiriza abigenga akenshi aba asa.

Ibi ngo bituma ibiciro byiyongera kandi bikadindiza udushya mu rwego rw'ikoranabuhanga mu by'imari.

Yagize ati: "Uburyo bwo gusangira impushya mu mikorere twashyizeho umukono uyu munsi ni intambwe ikomeye igamije gukemura iki kibazo, igihe komite ihuriweho n'impande zombi y'inzobere mu bya tekiniki izaba imaze gushyiraho uburyo bukenewe mu bya tekiniki no mu buyobozi, nk'uko bikubiye mu masezerano y'ubufatanye".

# Rwanda: Izamuka ry'ibiciro ryiyongereyeho 9,2% muri Gashyantare 2026

KAMALIZA Agnes

***Ikigo cy'Igihugu cy'Ibarurishamibare, (NISR) kigaragaza ko muri Gashyantare 2026, ibiciro mu mijyi byiyongereyeho 9,2% ugereranyije na Gashyantare 2025, aho byari kuri 6,3%, mu gihe muri Mutarama 2026, byari ku 8,9%.***

Raporo ya NISR yo kuri uyu wa 10 Werurwe 2026, igaragaza ko ibiciro byiyongereye bitewe ahanini n'ibiciro by'ibiribwa n'ibinyobwa bidasembuye byiyongereyeho 4,6%, ibiciro by'ibinyobwa bisembuye n'itabi byiyongereyeho 18,3%, ibiciro by'inzu, amazi, samashanyarazi, gazi n'ibindi bicanwa byiyongereyeho 12,3%.

Ibiciro by'ibijyanye n'ubuvuzi byiyongereyeho 71,1%, ibiciro by'ibijyanye n'ubwikorezi byiyongereyeho 8,6% mu gihe ibiciro by'amafunguro n'icumbi byiyongereyeho 19,9%. Ugereranyije Gashyantare 2026 na Mutarama 2026, ibiciro byiyongereyeho 0,9%.

Iri zamuka ryatewe ahanini n'ibiciro by'ibiribwa n'ibinyobwa bidasembuye byiyongereyeho 0,4%, ibiciro by'ibinyobwa bisembuye n'itabi byiyongereyeho 2,3%, ibiciro by'inzu, amazi, amashanyarazi, gazi n'ibindi bicanwa byiyongereyeho 1,8% n'ibiciro by'amafunguro n'icumbi byiyongereyeho 2,7%.

Ugereranyije Gashyantare 2026 na Gashyantare 2025, ibiciro by'ibintu bitarimo ibiribwa n'ibikomoka ku ngufu byiyongereyeho 9,6%.

**Ibiciro mu byaro ho byifashe bite?**

Muri Gashyantare 2026, ibiciro mu byaro byiyongereyeho 7% ugereranyije na Gashyantare 2025, mu gihe ibiciro mu kwezi kwa Mutarama 2026, byari byiyongereyeho 6,5%.

Bimwe mu byatumye ibiciro byiyongera muri Gashyantare 2026 ni ibiciro by'ibiribwa n'ibinyobwa bidasembuye byiyongereyeho 5,4%, ibiciro by'ibinyobwa bisembuye n'itabi byiyongereyeho 14,9% n'ibiciro by'amafunguro n'icumbi byiyongereyeho 17,4%.

NISR igaragaza ko ibiciro bikomatanyirijwe hamwe; mu mijyi no mu byaro muri Gashyantare 2026, byiyongereyeho 7,9% ugereranyije na Gashyantare 2025, mu gihe byari byiyongereyeho 7,5% muri Mutarama 2026.

Bimwe mu byatumye ibiciro byiyongera muri Gashyantare 2026, ni ibiciro by'ibiribwa n'ibinyobwa bidasembuye byiyongereyeho 5,2%, ibiciro by'ibinyobwa bisembuye n'itabi byiyongereyeho 15,9%, ibiciro by'inzu, amazi, amashanyarazi, gazi n'ibindi bicanwa byiyongereyeho 8,3%, n'ibiciro by'amafunguro n'icumbi byiyongereyeho 18,8%. Ugereranyije Gashyantare 2026 na Mutarama 2026, ibiciro byazamutseho 1,2%.

Iri zamuka ryanatewe ahanini n'ibiciro by'ibiribwa n'ibinyobwa bidasembuye byiyongereyeho 1,4% ndetse n'ibiciro by'inzu, amazi, amashanyarazi, gazi n'ibindi bicanwa byiyongereyeho 2,2%.



**Muri Gashyantare 2026, ibiciro mu mijyi byiyongereyeho 9,2% ugereranyije na Gashyantare 2025**





# Gisagara: Gahunda zikomatanyije zabafashije kwivana mu bukene



**Aborozi bashima uburyo bukomatanyije bukubiye mu bikorwa byo kwivana mu bukene**

NYIRANEZA Judith

***Abaturage bo mu Murenge wa Nyanza, mu Karere ka Gisagara bavuga imyato gahunda zikomatanyije zabafashije kwivana mu bukene bakesha gahunda Leta ibegereza, bikabahindurira ubuzima.***

Abo baturage ni abahawe amatungo magufi, amahugurwa yabahaye ubumenyi bwo kunoza ubworozi, kwibumbira mu matsinda yo kwizigama no kugurizanya, kubaka uturima tw'igikoni n'ibindi, urwo rukomatanye rukabafasha kwivana mu bukene.

Bucyana Augustin wo mu Mudugudu w'Uruvugizo, Akagari ka Higiro, Umurenge wa Nyanza mu Karere ka Gisagara yavuze ko bihuje nk'amatsinda biyemeza kwagura no kubaka iterambere ryabo.

Ati: "Twahawe amahugurwa na PRISM, twibumbira mu matsinda 19 yaje kuvamo Koperative ABESAMIHIGO NYANZA, igizwe n'abanyamuryango 439, aho abagore bagize 70%, urubyiruko ni 20% na 5 bafite ubumuga."

Yasobanuye ko imiryango itishoboye yahawe inkoko, ikurikije gahunda zikomatanyije ibasha kwivana mu bukene.

Ati:"Dutangira twahise dushyira mu bikorwa inyigisho twahawe zikomatanyije, twizigama mu matsinda, tukagurizanya, twakoze uturima tw'igikoni, tuvugurura inzu tubikesha kuba umushinga PRISM ku ikubitiro warahaye inkoko 10 buri muryango, na bo bakoroza abandi."

Hashize igihe andi matsinda 3 bayazanira ingurube, zibwaguye baragurisha bakabona amafaranga, ufite inkoko zitera amagi akayarya kandi bakanayagurisha bakabona amafaranga. Ati: "Abahawe inkoko mbere PRISM yanabahaye ihene, nyuma twatekereje kwishyira hamwe tugakora koperative, tukaba aborozi bororera isoko."

Mukabutera Drocelle we yagarutse ku kuba umushinga warabigishije gukora uturima tw'igikoni bigafasha mu kunoza imirire. Yagize ati: "Ndashima ko PRISM yatwigishije kubaka uturima tw'igikoni, ku buryo ubu turya indyo yuzuye. Sinshobora kurya ibiryo bitagira imboga."

Umuyobozi w'Akarere ka Gisagara wungirije ushinzwe Iterambere ry'Ubukungu Jean Paul Habineza, avuga ko uyu mushinga wagize uruhare runini mu gushyigikira imiryango itishoboye binyuze mu gutanga amatungo no kubahugura.

Yagize ati: "Umushinga PRISM waje tuwukeneye kuko Akarere ka Gisagara ni Akarere k'icyaro, ubukungu bwako bushingiye ku buhinzi n'ubworozi. Iyo tubonye amatungo bifasha umuturage kwikura mu bukene, kandi ni uburyo bukomatanyije bugafasha abaturage kwikura mu bukene, ntabwo umuturage yakwikura mu bukene akora akantu kamwe gusa."

Yakomeje agaragaza ko ifumbire ikomoka ku matungo ifasha mu kongera umusaruro bakanasagurira amasoko. Ati: "Uretse amafaranga, nk'abantu b'abahinzi n'aborozi babona ifumbire y'imborera yunganira ifumbire mvaruganda kugira ngo bazamure umusaruro, wazamuka bakaba babonye ibyo kurya n'ibyo bajyana ku isoko. Ntiwakwivana mu bukene udakora ku mafaranga, iyo yayabonye abasha kuzigama ejo agashora ahandi, umwana we ntiyaguma mu rugo."

Agaruka ku kurwanya imirire mibi, yagize ati: "Kurwanya imirire mibi, iyo umuntu afite inkoko abona amagi akayarya, ufite ihene waryamo imwe cyangwa ukaba wayigurisha ukagura inyama.

Abaturage baraganirizwa, bakigishwa bagahabwa ubumenyi ku bworozi, hari abibumbira mu matsinda yo kwizigama no kugurizanya, ibyo byose bikora ku mitekerereze yabo borozi."

Habineza yavuze ko ubwo buryo bukomatanyije burimo koroza abaturage, kubaha ingemwe z'imbuto umwayi w'ibihumyo n'uw'imboga.

Aborozi 4 275 bo muri Gisagara bahawe amahugurwa binyuze mu mushinga wa PRISM. Aborozi 1 529 bahawe inkoko 15 290, aborozi 489 bahawe ingurube 750, aborozi 726 bahabwa ihene 1 452, abahinzi 1 753 bahawe ibilo 34 122 by'imbuto z'imboga, imiryango 550 ihabwa inkunga y'ibiryo by'amatungo.

PRISM ni umushinga wagizwemo uruhare na Leta y'u Rwanda ifatanyije n'Ikigega Mpuzamahanga giteza imbere Ubuhinzi n'Ubworozi (IFAD), binyuze muri Minisiteri y'Ubuhinzi n'Ubworozi (MINAGRI) ugashyirwa mu bikorwa n'Ikigo giteza Imbere Ubuhinzi n'Ubworozi mu Rwanda (RAB).

# Jamaica: Ingabo z'u Rwanda zimaze kubaka inzu 62 n'ibyumba by'ishuri

NTAWITONDA Jean Claude

***Mu gihe cy'amezi abiri ashize u Rwanda rwohereje abasirikare gutanga umusanzu wo guhangana n'ingaruka z'ibiza byatewe n'inkubi y'umuyaga ivanze n'imvura idasanzwe yiswe Hurricane Melissa, hamaze kongera kubakwa inzu 62 mu zari zarasenywe n'ibiza.***

Nanone kandi mu bindi byongeye kubakwa harimo ibyumba by'ishuri ndetse no kuvugurura inzu icumbikira abana bafite ubumuga.

Ibyongeye gusanwa ku bufatanye n'ingabo za Jamaica, biri mu byasenywe n'ibiza byibasiye Jamaica nk'Igihugu giherereye mu Nyanja ya Atalantika hagati y'itariki 21 Ukwakira n'iya 4 Ugushyingo 2025, bikaba ari byo biza byatejwe n'imvura ikabije ivanze n'inkubi y'umuyaga bya kabiri bibaye muri icyo gice guhera mu mwaka wa 1935.



**Ingabo z'u Rwanda zagize uruhare mu kongera kubaka inzu 62 mu zari zarasenywe n'ibiza muri Jamaica**

Ibyo biza byatewe n'umuyaga ufite umuvuduko wa kilometero 464 ku isaha (464km/h) wari uvanze n'imvura idasanzwe n'inkuba byangije ibikorwa remezo byose byari ku butumburuke bwa metero zirenga 200.

Itsinda ry'abubatsi bo mu Ngabo z'u Rwanda (RDF) ryageze kuri icyo kirwa muri Mutarama 2026, muri iki gihe cy'amezi abiri bakaba bashimirwa ko bakomeje guhesha ishema u Rwanda mu bikorwa by'ubutabazi.

Iyi gahunda y'ubufatanye ishimirwa ko yagize uruhare

KOMEZA KU RUP.12

# Kigali: Abayobozi bashya ba PSF bijeje ubuvugizi no guteza imbere ubucuruzi

KAYITARE Jean Paul

***Ubuyobozi bushya bwatorewe kuyobora Urugaga rw'Abikorera (PSF) mu Mujyi wa Kigali, bwijeje Abikorera kuzabakorera ubuvugizi, guteza imbere ubucuruzi, gushishikariza abacuruzi gusora ndetse no gukorana n'inzego za Leta.***



Abatorewe kuyobora PSF bijeje kuzamura ubucuruzi

Ndarubogoye Abdul yagiriwe icyizere adahari atorerwa ku mwanya wa Perezida wa PSF, Tuyisenge Emmanuel Visi Perezida wa Mbere, Rugera Jeannette Visi Perezida wa Kabiri.

Tuyisenge Emmanuel, Visi Perezida wa Mbere wa PSF mu Mujyi wa Kigali, yavuze ko nk'umuntu usanzwe ari muri PSF hari imbogamizi nyinshi abacuruzi bahura na zo, bityo ko icyo bagiye gukora ari ubuvugizi.

Ati: "Gahunda ni ugukorana n'inzego za Leta, tugakora ubuvugizi, tugateza imbere ubucuruzi no kwikorera muri rusange bidufasha kwiteza imbere.

Turacyafite umubare munini w'abakora ubucuruzi butanditse, tuzakora ubuvugizi kugira ngo bwandikwe, ibyo bizafasha abikorera gutera imbere cyangwa kwaguka hakabaho n'amahirwe yuko imisoro iboneka."

Yahamirije Imvaho Nshya ko bazagira uruhare mu gushishikariza abacuruzi gukorera hamwe no kubakangurira gukora ishoramari rigezweho kandi rikorera igihugu rikanasagurira ibindi bihugu by'abaturanyi no hanze yabyo.

Tuyisenge yijeje ko bazakorana neza n'Abikorera bo mu Turere; yaba inzego zo ku rwego rw'Akarere, ku rwego rw'Umujyi no gufatanya kubaka Urugaga rw'Abikorera mu buryo buhindura ubukungu bw'Igihugu.

Rugera Jeannette watowe nka Visi Perezida wa Kabiri, avuga ko umusanzu we ari ugushishikariza Abikorera gukomeza kuba mu Rugaga rw'Abikorera n'abatarurimo akabashishikariza kurujyamo.

Akomeza agira ati: "Ni ukubumvisha ko kuba mu Rugaga rw'Abikorera bibafitiye akamaro kuko iyo abantu bishyize hamwe bahuza n'imbaraga.

Ikindi ni ugukora ubuvugizi no gukomeza gufatanya mu bikorwa by'iterambere mu bijyanye n'ubucuruzi no gufatanya na Leta mu nzego z'igihugu."

Evariste Nkundimana, umwe mu bikorera bitabiriye amatora ya PSF mu Mujyi wa Kigali, yabwiye Imvaho Nshya ko Abayobozi bitoreye babitezeho byinshi birimo ubuvugizi ku mbogamizi bajyaga bahura nazo, guhugura abikorera no kubagezaho gahunda za Leta zigezweho.

Ati: "Imbogamizi duhura nazo mu bucuruzi bwacu akenshi usanga akenshi ari ibiba bishingiye ku myumvire mike y'abakora ubucuruzi ku bijyanye no gusora, aho umuntu aba atazi umusoro azasora n'igihe azawusorera, ni byinshi mu by'ukuri tubitezeho."

Martine Urujeni, Umuyobozi wungirije w'Umujyi wa Kigali, ushinzwe Ubukungu n'Imibereho myiza y'abaturage, yavuze ko Umujyi wa Kigali wijeje ubufasha abayobozi b'Urugaga rw'Abikorera batowe hagamijwe kwihuta mu bukungu no kongera imisoro.

Yagize ati: "Gukusanya imisoro ni hamwe mu ho dufite icyuho cyane cyane mu bantu bikorera bishyura imisoro, tuzafatanya rero kubageraho kugira ngo na bo babashe kujya muri gahunda nk'iyo abari muri PSF bafite kuko tubigendanamo neza kandi bikagenda neza bityo tubashe kwinjiza imisoro."

Urugaga rw'Abikorera (PSF), ni umuryango udaharanira inyungu washinzwe mu 1999 hagamijwe guhuza no kuvuganira abikorera, guteza imbere ubucuruzi no kugira uruhare mu iterambere ry'ubukungu bw'u Rwanda.

Rufite inzego z'ubuyobozi guhera ku rwego rw'Akagari kugeza ku rwego rw'Igihugu aho rutanga ubuvugizi mu kugabanya imbogamizi z'ubucuruzi.

Urugaga rw'Abikorera rwatangijwe nyuma ya Jenoside yakorewe Abatutsi mu 1994. Hari hakenewe urwego ruzahura ubukungu kandi rukagura ibikorwa by'abikorera hakiyongeraho kuba rukorana na Leta mu guteza imbere Igihugu.

PSF ishingiye ku Nzego z'ibanze; Akagari, Umurenge, Akarere ndetse no kugera ku rwego rw'Igihugu. Yibanda ku guhanga imirimo, gushishikariza ishoramari n'ubuvugizi ku bakora ubucuruzi.

PSF kandi itegura imurikagurisha mpuzamahanga, Expo, rihuza abikorera bo mu Rwanda n'abo mu mahanga ndetse ikanavugurura uburyo bw'ubucuruzi.

IBIKURIKIRA URUP.11

rukomeye mu kongera kwiyubaka no kwikura mu ngorane z'ibiza ku baturage byagizeho ingaruka.

# Jamaica: Ingabo z'u Rwanda zimaze kubaka inzu 62 n'ibyumba by'ishuri

Byagarutsweho ubwo Umujyanama wa Ambasaderi Uhoraho w'u Rwanda mu Muryango w'Abibumbye akaba n'Uhagarariye inyungu za gusirikare z'u Rwanda muri Jamaica, Col Deo Mutabazi, ari kumwe n'Umuyobozi w'Ingabo z'itsinda ry'abasirikare b'abubatsi boherejwe muri icyo gihugu Col Moses Kayigamba, basuraga Umugaba Mukuru w'Ingabo wa Jamaica Vice Admiral Antonette Wemyss-Gorman, ku birindiro bikuru bihererey i Kingston.

Vice Admiral Antonette Wemyss-Gorman yashimiye ubuyobozi bw'Ingabo z'u Rwanda (RDF) bwohereje itsinda ry'abasirikare ngo batange ubufasha ku baturage ba Jamaica nyuma y'inkubi y'umuyaga ivanze n'imvura nyinshi yateje umwuzure wiswe Hurricane Melissa.

Col Deo Mutabazi yamushyikirije ubutumwa bwaturutse ku Mugaba Mukuru w'Ingabo z'u Rwanda Gen. Mubarakh Muganga washimiye ubutwererane bukomeye bukomeje kurangwa hagati y'Ingabo z'u Rwanda n'iza Jamaica.

Muri ubwo butumwa Gen Muganga yakomeje avuga ko u Rwanda rwiyemeje gukomeza gushyigikira umubano warwo na Jamaica kandi rwiteguye gukorana na yo no mu zindi nzego z'iterambere.





# Ubuhamya bw'abagore bakuye amaboko mu mifuka batagitegereza ko byose biva ku bagabo

NYIRANEZA Judith

***Bamwe mu bagore bo hirya no hino mu Gihugu, bavuga ko badakwiye kwicara ngo bategereze guhahirwa n'abagabo mu gihe ari bazima, ahubwo bakuye amaboko mu mifuka bagafatanya n'abatware babo guharanira iterambere ry'umuryango n'Igihugu muri rusange.***

Bahamya ko urugo ari urwa babiri, nta mpamvu yo kuba umugabo yaharirwa kuruhahira wenyine, cyane ko byagaragaye ko abagore n'abakobwa bashoboye.

Uwamariya Drocelle utuye mu Mudugudu wa Bugabe, Akagali ka Bambiro, Umurenge wa Nyange mu Karere ka Ngororero agaruka ku bijyanye n'iterambere ry'abakobwa n'abagore bavuga ko nta gishoro, yavuze ko umuntu yizigama mu matsinda akurikije ubushobozi, gahoro gahoro akabona igishoro.

Ati: "Umuntu yizigama uko yifite mu itsinda, igishoro ntiwakibona ugikuye ku kintu gifatika gusa, ubona udufaranga duke ukatubitsa, noneho bagabana hashize nk'umwaka twa dufaranga ukatubona ari utwawe, wabonamo nk'amafaranga y'u Rwanda ibihumbi 20 cyangwa 30 Frw, ubwo ugatangira ugatekereza icyo wayashoramo."

Yongeyeho ko umugore yari abayeho nabi yari atarakanguka ngo ajye ahagaragara, ajye mu matsinda, umugore yari umuntu utagira icyo yakwigurira, ikintu cyose ahanze amaso umugabo, ariko ubungubu, umugore yahawe amahirwe, akora imirimo itandukanye na we akagira uruhare mu iterambere n'imibereho by'urugo rwe na sosiyete muri rusange.

Nikuze Winifride utuye mu Mudugudu wa Gisesero, Akagari ka Muhororo, mu Murenge wa Kirimbi mu Karere ka Nyamasheke yavuze ko umugore ari ukora atari utega amaboko umugabo.


Abagore bishimira ko na bo basigaye bakora imirimo itandukanye izamura umuryango

Yagize ati: "Abagore n'urubyiruko dukwiye gukura amaboko mu mifuka tugakora, kuko n'uwagura umushwi yaworora, ugura 2 200 Frw, iyo uguze inkoko ukazitaho, iyo zitangiye gutera ukabona amagi yo kurya, ayo kugurisha ukabona amafaranga bikakugeza ku kindi gikorwa runaka, ukikenura."

Yongeyeho ati: "Nk'ubu kubera ubworozi si ngombwa ko nsaba umugabo amafaranga ngo umwana akeneye inkweto, ikayi nanjye ndabimugurira. Duhuriza hamwe mu iterambere, mbere sinashoboraga kugira icyo mara, nacaga inshuro, ariko ubu nanjye mfite agaciro mu rugo."

Nirere Speciose wo mu Mudugudu wa Nyanzoga, Akagari ka Bunge, Umurenge wa Rusenge mu Karere ka Nyaruguru yavuze ko umugore atakiri uwo mu gikari.

Yagize ati: "Nta mugore ugipfa gusaba uko yiboneye, uko hakorwa ubukangurambaga abagore bagenda basobanukirwa ko bagomba kugira uruhare mu bikorwa biteza imbere n'umuryango. Nta mugore ugitegera amaboko umugabo, natwe turakora ku buryo nk'iyo umwana akeneye inkweto, cyangwa ikayi ndayimugurira, si ngombwa ko ntegereza ko abihabwa na se.

Kalisa Jean wo mu Mudugudu wa Gasharu, Akagari ka Gasharu, mu Murenge wa Mutuntu, Akarere ka Karongi yavuze ko kuba abagore basigaye bakora batagiharirwa imirimo yo kurera abana no guhinga byazamuye ingo.

Yagize ati: "Kera abagore bamenyaga imirimo yo mu rugo nko kurera abana, guhinga, gutera intabire, ugasanga imirimo ijyanye n'ubucuruzi isa nk'aho ari iy'abagabo. Kuri ubu kubona abagore bakora imirimo itandukanye harimo n'ubucuruzi, bizamura ubukungu bw'ingo, ni byiza ko ari umugore, ari umugabo bose bakorera urugo."

Minisiteri y'Uburinganire n'Iterambere ry'Umuryango (MIGEPROF) ishimangira ko ari ngombwa gushyigikira uruhare rukomeye umugore agira mu kubaka umuryango ushoboye kandi utekanye, ari na wo shingiro ry'iterambere ry'Igihugu.

# Ibyo wamenya kuri Kaminuza ya Gisirikare itegerejwe mu Rwanda

KAMALIZA Agnes

***Inteko Rusange y'Umutwe w'Abadepite yatoye itegeko rishyiraho Kaminuza ya Gisirikare (National Defence University/NDU) n'irigenga Urwego rw'Igihugu rushinzwe Iperereza n'Umutekano (NISS).***

Aya mategeko yemerejwe mu Nteko Rusange y'Umutwe w'Abadepite ku wa Gatatu tariki ya 11 Werurwe, hagamijwe gukomeza guteza imbere uburezi mu by'umutekano; akaba ategerejwe kwemezwa na Perezida wa Repubulika no gusohoka mu Igazeti ya Leta mbere y'uko atangira gushyirwa mu bikorwa.

Abadepite batangaje ko aya mavugurura agamije kongera ubushobozi bw'izo nzego, kunoza imiyoborere no gutegura neza igihugu mu rwego rwo guhangana n'ibibazo by'umutekano bigenda bihinduka ibindi byaduka ku Isi.


Abadepite bemeje itegeko rishyiraho Kaminuza ya Gisirikare y'u Rwanda

Kaminuza ya Gisirikare izaba ari ikigo cyihariye mu kwigisha amasomo arebana n'umutekano n'ingabo, gutanga amahugurwa ya kinyamwuga no gukora ubushakashatsi.

Iyi kaminuza izatanga impamyabumenyi zo ku rwego rwa kaminuza zisanzwe (degrees), n'izindi mpamyabushobozi zirebana n'umutekano.

Iryo tegeko riteganya kandi ko iki kigo kizateza imbere ubushakashatsi n'isesengura ku bibazo by'umutekano ku rwego rw'Igihugu, urw'Akarere n'urw'Isi.

Ibyo bizafasha gufata ibyemezo bya politiki bishingiye ku bimenyetso n'ubumenyi mu nzego z'umutekano mu Rwanda.

Iyo Kaminuza izahuriza hamwe amashuri y'inzego z'umutekano zirimo; Ingabo z'u Rwanda (RDF) Polisi y'Igihugu (RNP) n'Urwego rw'Igihugu rushinzwe Iperereza n'Umutekano (NISS).

Guhuriza hamwe ayo mashuri byitezweho kuzafasha kunoza imikoranire, guteza imbere ubumenyi bw'abakozi bikanazamura ireme ry'uburezi mu rwego rw'umutekano w'Igihugu.

Abadepite basobanuye ko kuvugurura itegeko rigenga Urwego rw'Iperereza rigamije guhuza imikorere yarwo n'Itegeko Nshinga ndetse n'impinduka ziriho ku Isi.

Rigamije gushimangira gukora kinyamwuga, kubazwa inshingano n'imiyoborere myiza ndetse rizaha ubuyobozi bw'urwo rwego ubwisanzure bugamije kuzamura umusaruro.

Inama y'Abaminisitiri yateranye ku wa 28 Mutarama 2026, iyobowe na Perezida Paul Kagame ni yo yemeje umushinga w'iri tegeko rishyiraho iyo kaminuza.

Ibijyanye n'iyo Kaminuza bikaba byaratangajwe bwa mbere na Minisitiri w'Ingabo, Juvenal Marizamunda, mu 2024, ubwo yari ari imbere y'Inteko Ishinga Amategeko Umutwe wa Sena, mu gikorwa cyo kwemeza ishingiro ry'umushinga w'itegeko rigenga Ingabo z'u Rwanda.

# Nyamasheke: Umugore wacaga inshuro yahindutse rwiyemezamirimo ukoresha abakozi basaga 15

BAHUWIYONGERA Sylvestre



Mukantabana Philomène wabagaho aca inshuro none akaba akoresha abakozi 15

***Urugendo rwa Mukantabana Philomène w'imyaka 54 mu rugendo rwo kwiyubaka nyuma yo gupfusha umugabo we amusigiye abana 5 barimo babiri b'impanga z'ibyumweru bibiri, rwabera bamwe nk'inzozi cyangwa amakabyankuru, ariko kuri we ni ubuhamya bujyanye no guhindura imitekerereze.***

Uyu mubyeyi utuye mu Mudugudu wa Rugomero, Akagari ka Jurwe, Umurenge wa Rangiro, Akarere ka Nyamasheke, yatanze ubuhamya bw'uko yaje kwigobotora ubukene bukabije yasigiwe no kubura umugabo we warwaye ibyabo bigashirira mu kumuvuza.

Ni ubuhamya uyu mubyeyi ukomoka mu Murenge wa Uwinkingi, Akarere ka Nyamagabe, yatanze ku Cyumweru tariki ya 8 Werurwe 2026, ubwo Akarere ka Nyamasheke kifatanyaga n'Isi yose kwizihiza Umunsi Mpuzamahanga wahariwe Abagore (International Women Day).

Nyuma y'igihe yamaze aca inshuro, Mukantabana avuga ko yahinduye imitekerereze yiteza imbere abikesha ubudozi. Icyo gihe ubuzima bwari bumaze kumusharirira cyane kuko yari ataranakomera nyuma yo kubyara abana b'impanga kandi nta n'umurimo yagiraga.

Ati: "Ubuzima bwaransharirive cyane kuko yapfuye ntacyo njye nkora, murambirijeho kuri twose, nisanga mu bukene bukabije abana bagiye kumfana n'inzara."

Kubera ko n'imirima mito yari asigaranye itari kwera adafumbiye kandi nta tungo yagiraga akuraho ifumbire, yabonye atahinga iwe ngo azagire ikimuramira, atangira guca inshuro ngo arebe ko yabona icyo abana bararira.

Ati: "Umuhinzi yari amafaranga 350 ku munsi, ibiciro by'ibiribwa bitaratumbagira cyane, nayacyura ngahaha ariko n'ubundi akaba make. Nigira inama y'uko uwo mpingiye azajya ampa ibiribwa akaba ari byo ntahana kuko hari uwangiriraga impuhwe nk'ibijumba akongeraho kimwe cyangwa bibiri, ariko ku mafaranga ntacyo yakongeraho."

Guca inshuro yabimazemo imyaka itanu ariko abona ntacyo byamugezaho cyane ko abana be bigaga mu mashuri abanza atabasha no kubona ibikoresho by'ishuri.

Ijoro n'amanywa yabaga yashobewe atekereza icyo yakora, kuko yari ahangayikishijwe n'amaherezo y'abana be, cyane cyane ko umuryango yashatsemo na wo utari wishoboye bihagije ku buryo wamugoboka, n'iyo akomoka ari kure nta na telefoni afite ngo abe yabahamagara.

Ati: "Muri icyo gihirahiro naje kumva ko Leta iri kwandika abashaka kwiga imyuga, niyandikisha kwiga ubudozi muri santere y'ubucuruzi ya Tyazo aho nagendaga amasaha arenga 8 kugenda no kugaruka, ariko nkomeza umutsi kuko nta yandi mahitamo nari mfite, niga amezi 6.

Kugira ngo abana bataburarara yiga, ya mirima ye yayihaye abayihinga bakagabana imyaka yeze, bikanafasha kubona ibikoresho by'ishuri.

Yarangije kwiga abura imashini adodesha asubira guca inshuro ahingira abaturanyi, yinjira mu kimina yatangaga amafaranga 200 mu cyumweru.

**Uko yabonye imashini idoda ubuzima bugatangira guhinduka**

Hashize umwaka ajya kuri Paruwasi Gatolika ya Yove mu Murenge wa Cyato, bamuha imashini akoresha, akishyura amafaranga y'u Rwanda 1500 ku kwezi.

Akomeza avuga ko muri iyi mashini ari ho umugisha we watangiriye kuko abakiliya bamugannye ku bwinshi ava mu kimina cy'amafaranga 200 mu cyumweru, ajya mu bimina bitatu buri kimwe ari amafaranga 1000 mu cyumweru.

Yanatangiye kugana Umurenge SACCO abitsa amafaranga make anaguza, abana ba mbere bamaze kujya mu yisumbuye, akomeza guhangana n'ubwo buzima ariko noneho atagihingiriza cyangwa ngo aburare.

Muri bya bimina besheje umuhigo, bamuha amafaranga y'u Rwanda 182 000 aguramo imashini ye bwite y'amafaranga 80 000, n'umukobwa we wari ugeze mu yisumbuye amwishyurira amafaranga y'ishuri ndetse na we amwigisha kudoda anamugurira imashini ye.

Ati: "Icyanga cy'ubuzima cyari cyaragarutse, abana mbona icyo mbagaburira, Mituweli nyishyura, n'ibindi dukenera tubibona. Nishimira aho ngeze ubu kuko umwana wanjye umwe yiga muri kaminuza, undi yarangije ayisumbuye arikorera mu Mujyi wa Musanze, impanga ziri mu yisumbuye, abiga ni jye ubarihira."

Avuga ko afite inka n'amatungo magufi, imirima yarayongereye, inzu ye yarayivuguruye, afite ishyamba n'ibindi bitandukanye.

Aha aragira ati: "Navuye ku guca inshuro ubu ndatanga akazi. Nigishije imashini abarenga 20, muri bo abatagira imashini zabo baraza nkabaha akazi iyo nakabonye kenshi. Mu bo nahingiraga hari abashobora kumpingira nanjye ubu. Mbaze abo nkoresha mu mirima no mu budozi mu kwezi sinjya munsi y'abantu 15 nkabishyura neza."

Mu ntego afite harimo gutangira ubucuruzi bw'ibitenge, uje kumugurira igitenge akanamuha ayo kukimudodera, kwigisha abakobwa be b'impanga uyu mwuga igihe bazaba barangije ayisumbuye akabagurira imashini zabo bakadoda, abasore akaba yagurisha iryo shyamba akabongerera igishoro, akanakomeza ibindi bikorwa by'iterambere.

Avuga ko aho avuye n'aho ageze mu iterambere abikesha umutekano n'imiyoborere myiza irangajwe imbere na Perezida wa Repubulika, Nyakubahwa Paul Kagame, agashishikariza abahura n'ibibazo birimo no kubura abo bashakanye kudaheranwa n'agahinda ahubwo bakubaka icyizere cy'ejo hazaza.

Umunyamabanga Nshingwabikorwa w'Umurenge wa Rangiro Mutesa Jean Claude, avuga ko bishimishije cyane kubona umugore yishakamo ibisubizo nyuma yo kubura umugabo.

Ati: "Byose birashoboka hamwe n'imiyoborere myiza ya Nyakubahwa Perezida Kagame. Iyo ubushake no kwiyemeza bihari ntakinanirana. Uyu mugore ni urugero rwiza rw'ibishoboka."

Yashimye abagore kuri ubu bishimira intambwe bagezeho babikesha gukura amaboko mu mufuka.

Ubuyobozi bw'Inama y'Igihugu y'Abagore buvuga ko nubwo hakiri imbogamizi abagore baho bagihanganye na zo, bishimira ko hari benshi bafite ubuhamya bw'aho bivanye n'aho bigejeje babikesha ubuhinzi, ubworozi, ubudozi n'indi myuga.





# Musanze na Gakenke bishimiye isanwa ry'Ikiraro cya Ryabazira

NGABOYABAHIZI Protais

***Abaturage bo mu Murenge wa Remera mu Karere ka Musanze n'abo mu Murenge wa Cyabingo mu Karere ka Gakenke bishimiye cyane igikorwa cyo gusana ikiraro cya Ryabazira cyari kimaze igihe cyarangiritse, kikaba cyarabuzaga ubuhahirane n'imigenderanire hagati y'utwo duce twombi.***

Icyo kiraro cyari cyarubatswe ku buryo cyari gitambitseho ibiti byaramaze gusaza, ku buryo mu gihe cy'imvura cyabaga kibangamiye cyane abakinyuragaho. Hari n'igihe abaturage bahitagamo kuzenguruka, bagakora urugendo rurerure cyangwa bagategereza ko amazi agabanyuka kugira ngo babashe kugera ku rundi ruhande.

Abaturage bavuga ko ibi byababagiragaho ingaruka zikomeye cyane cyane ku bahinzi bajyanaga umusaruro ku masoko, aho hari igihe umusaruro wangirikaga cyangwa ugatinda kugera ku isoko.

Bamwe mu baturage bavuga ko bishimiye cyane ko iki kiraro kigiye gusanwa, kuko bizaborohereza imigenderanire, ubuhahirane ndetse n'ubuzima busanzwe bwa buri munsi.

Umwe mu bahinzi bo mu Murenge wa Cyabingo Nsabimana Joseph yagize ati: *"Mbere iki kiraro kitarasanwa twahuraga n'ibibazo byinshi. Iyo twabaga dufite umusaruro tugiye kuwujyana ku isoko rya Musanze, byadusabaga kuzenguruka, tugakora urugendo rurerure cyangwa tugategereza ko amazi agabanyuka. Hari n'igihe umusaruro wangirikaga utaragera ku isoko, ariko n'ikimara gusanwa cyubatswe mu buryo bwa kijyambere bizahindura ubuzima bwacu."*



Hashyizweho ibuye ry'ifatizo rigaragaza gutangira isanwa ry'ikiraro

Barigira Camille wo mu Murenge wa Remera mu karere ka Musanze we yavuze ko isanwa ry'iki kiraro rizafasha cyane cyane mu guteza imbere ubuhahirane hagati y'Uturere twombi.

Yagize ati: *"Iki kiraro nikimara gusanwa kizadufasha kugeza umusaruro ku masoko vuba. Abacuruzi bazajya batugeraho byoroshye natwe tubashe kujya kugurisha ku isoko rya Musanze tutagowe. Bizadufasha kongera umusaruro n'amafaranga twinjiza."*

Abanyeshuri na bo bavuga ko iki kiraro kizakemura ibibazo by'urugendo bajyaga ku mashuri. Umwe mu banyeshuri bo ku ishuri rya Kamisave, Iradukunda yagize ati: *"Iyo imvura yagwaga byaduteraga ikibazo kuko hari igihe twakererwaga cyangwa tukabura uko tujya ku ishuri. Iki kiraro nikimara gusanwa tuzajya tugera ku mashuri yacu mu buryo bworoshye kandi mu mutekano."*

Abaturage bemeza ko uretse ubuhahirane n'imyigire, iki kiraro kizabafasha no kugera ku Bigo Nderabuzima no mu zindi serivisi byoroshye.

Imirimo yo gusana iki kiraro yatangijwe na Guverineri w'Intara y'Amajyaruguru, Maurice Mugabowagahunde, afatanyije n'Umugaba Mukuru w'Inkeragutabara, Maj Gen Alex Kagame, ndetse n'Umuyobozi Mukuru wungirije wa Polisi mu Ntara y'Amajyaruguru, CSP Prudence Ngendahimana.

Iki kiraro kigiye gusanwa binyuze mu bikorwa by'Ingabo z'u Rwanda na Polisi y'u Rwanda bafatanyije n'abaturage mu bikorwa by'umuganda bigamije guteza imbere imibereho myiza n'iterambere ry'abaturage.

Muri gahunda y'ikorwa ry'iki kiraro harimo gukuraho ibice byari byarangiritse, kongeramo ibikoresho bikomeye birimo ibyuma na beto kugira ngo cyubakwe mu buryo burambye, ndetse no gutunganya inzira zicyinjirwamo ku mpande zombi kugira ngo imodoka n'abanyamaguru babashe kugitambukaho neza kandi mu mutekano.

Umuyobozi Mukuru wungirije wa Polisi mu Ntara y'Amajyaruguru, CSP Prudence Ngendahimana, yavuze ko uru rugendo rwo gusana iki kiraro ruri mu bikorwa by'inzego z'umutekano bigamije gufasha abaturage mu iterambere.

Yagize ati: "Inzego z'umutekano ntizishinzwe gusa kurinda umutekano w'abaturage n'ibyabo, ahubwo zinagira uruhare mu bikorwa by'iterambere bibafasha kugera ku mibereho myiza. Iki kiraro kizafasha abaturage kunoza ubuhahirane n'imigenderanire, nkasaba abaturage gukomeza kurinda ibikorwa Leta igenda ibagezaho."

Yanasabye abaturage gukomeza kugira uruhare mu bikorwa by'iterambere no gufata neza ibikorwa remezo bubakirwa kugira ngo bikomeze kubagirira akamaro igihe kirekire.

Ku ruhande rwe, Guverineri w'Intara y'Amajyaruguru Maurice Mugabowagahunde yashimiye inzego z'umutekano ku ruhare zikomeje kugira mu iterambere ry'Igihugu.

Yagize ati: "Uyu munsi igihugu kiri mu rugamba rw'iterambere. Tugomba gukomeza gufatanya kugira ngo umuturage ave mu bukene agere ku mibereho myiza."

Yanagaragaje ko ubuyobozi bw'Intara y'Amajyaruguru buzakomeza gukorana n'inzego zitandukanye mu gukemura ibibazo by'ibindi biraro n'ibikorwaremezo bikibangamiye imigenderanire n'iterambere ry'abaturage.

Isanwa ry'Icyo kiraro ryitezweho kunoza ubuhahirane no guteza imbere ibikorwa by'ubukungu n'imibereho myiza y'abaturage by'umwihariko abacuruzi, abahinzi n'aborozi ndetse n'abanyeshuri.

# Umusore wacurujwe muri Aziya abeshywa akazi araburira ababyeyi n'urubyiruko

BAHUWIYONGERA Sylvestre

***Umusore w'imyaka 28 ukomoka mu Mujyi wa Kigali, wamaze igihe akoreshwa imirimo y'agahato mu gihugu cyo ku Mugabane wa Aziya, yaburiye ababyeyi n'urubyiruko kwitondera abantu babashukisha akazi keza mu mahanga, kuko hari igihe bihinduka icuruzwa ry'abantu.***

Yabitangaje mu buhamya yatanze mu bukangurambaga bwo kurwanya no gukumira icuruzwa ry'abantu bwateguwe n'Urwego rw'Ubugenzacyaha (RIB), bwabereye mu Murenge wa Nyamyumba mu Karere ka Rubavu.

Uyu musore, Imvaho Nshya yahaye izina rya Bugingo Emile ku bw'umutekano we, yavuze ko yashutswe n'abantu bamwijeje akazi keza kazamugeza ku bukire mu gihugu cyo muri Aziya.

Icyakora, agezeyo yasanze ibyo yasezeranyijwe bitandukanye cyane n'ukuri, aza kugira amahirwe yo kugarurwa mu Rwanda nyuma y'igihe kinini ari mu mibabaro.

Bugingo yavuze ko akirangiza amashuri yisumbuye yinjiye mu bucuruzi bw'imodoka, aho yashakiraga ba nyirazo abakiriya bakamwishyura. Yavuze ko yakoraga cyane yifashishije imbuga nkoranyambaga zirimo Facebook, ari na ho yahuriye n'umuntu wamwijeje kumubonera akazi mu kigo gikomeye cyo muri Aziya.

Ati: "Numvaga ari akazi keza kandi koroshye, gasaba gusa kuvuga Icyongereza. Bambwiye ko nzakorera itsinda ry'Abashinwa rigiye kumpemba neza. Bansabye pasiporo, bambwira ko ndayishaka nkoresheje amafaranga yanjye."

Nk'urubyiruko rwinshi rushaka iterambere ryihuse, Bugingo yavuze ko yakusanyije amafaranga yari amaze kubona ayakoresha mu gushaka pasiporo no gutegura urugendo.

Nyuma yo kubona pasiporo, abo yavuganaga na bo bamubwiye kujya gushakira viza muri Kenya, na ho ajyayo akoresheje amafaranga ye bwite. Amaze kubikora byose, bamwohereje itike y'indege ndetse banamwishyurira hoteli azararamo ageze muri icyo gihugu.

Ageze muri icyo gihugu, yakiriwe n'umushoferi wa tagisi wamujyanye muri hoteli. Nyuma y'amasaha make bamwohereje indi tike y'indege imujyana mu cyaro cy'icyo gihugu. Yavuze ko nyuma

KOMEZA KU RUP.16




Abantu baraburirwa kwirinda ababashukisha akazi kandi bagiye kubacuruza

# Umusore wacurujwe muri Aziya abeshywa akazi araburira ababyeyi n'urubyiruko

y'urugendo rurerure rwamaze amasaha menshi, yagejejwe ahantu hitaruye cyane.

Ati: "Nagezeyo mbona abantu bateye ubwoba cyane. Umwe yansunitse mu murima uri hafi aho, undi afata igikapu cyanjye. Nageze ku mugezi banyambutsa mu bwato banshyira mu kindi gihugu kiyoborwa n'inyeshyamba."

Yavuze ko agezeyo yajyanywe mu nyubako y'amagorofa menshi, bamwambura telefoni n'ibindi yari afite. Nyuma yaho yaje kumenya ko aho yajyanywe atari akazi nk'uko yabitekerezaga.

Bugingo yavuze ko aho hantu yakoraga akazi ko gushuka abantu kuri internet, aho yabwirwaga kwiyitirira umukobwa agashuka abagabo mu bihugu bitandukanye akoresheje amafoto n'amajwi.

Ati: "Namaze amezi atandatu nkora akazi ko gushuka abantu kuri internet. Twakubitwaga, tukicishwa inzara kandi tugakoreshwa imirimo y'agahato. Hari n'abagapfiriyemo."

Yavuze ko yigeze gufungirwa mu cyumba cyijimye akorerwa iyicarubozo rikomeye, kugeza ubwo yiyemeje gushaka uburyo bwo gutoroka.

Nyuma y'ingorane nyinshi mu rugendo rwo kugaruka, Bugingo yavuze ko yafashijwe n'Ambasade y'u Rwanda mu Buyapani ndetse n'ishami ry'Umuryango w'Abibumbye ryita ku bimukira, (IOM), agarurwa mu Rwanda.

Yasabye urubyiruko kwitondera cyane abantu babashukisha akazi ku mbuga nkoranyambaga, cyane cyane ababizeza ubuzima bwiza bwihuse mu mahanga.

Ati: "Ndabasaba kwitondera cyane ibyo mushukishwa. N'ababyeyi na bo bagomba gukurikiranira hafi abana babo, kuko hari abashukishwa bakajya mu mahanga bakahagirira ibibazo bikomeye."

Mu bukangurambaga bwateguwe na RIB, abaturage bo mu Murenge wa Nyamyumba basobanuriwe uburyo icuruzwa ry'abantu rikorwa n'ingaruka zaryo, basabwa kuba maso cyane cyane ko batuye hafi y'umupaka.

Abaturage bavuze ko bungutse ubumenyi buzatuma barushaho kwirinda iki cyaha.

Nikobahoze Habimana w'imyaka 42 ati: "Twumvaga kuri radiyo ko abantu bacuruzwa ariko ntitubyumve neza. Ubu turabyumvise kandi tugiye kubikumira."

Na ho Twubahemungu Fillette w'imyaka 23 yavuze ko mbere yatekerezaga ko icuruzwa ry'abantu rifitanye isano gusa n'uburaya, ariko ubu yasobanukiwe uburyo rikorwa.

Umuyobozi w'Ishami ry'Imiyoborere Myiza mu Karere ka Rubavu, Habimana Martin, yavuze ko ubu bukangurambaga buzakomereza no mu yindi Mirenge kugira ngo abaturage basobanukirwe neza n'iki cyaha ndetse barusheho kucyirinda.

# Nyagatare: Uwahinduye imyumvire agaya abamushimagizaga ahohotera umugore we



Nkurunziza n'umugore we barishimira ibyiza bageraho nyuma yo kuva mu makimbirane

HITIMANA Servand

***Nkurunziza Alex utuye mu Murenge wa Mukama mu Karere ka Nyagatare avuga ko kwemera guhinduka akava mu bikorwa byo guhohotera umugore hari ababifashe nko kurogwa, akagaya abamushimagizaga mu myitwarire mibi, bamuteye umugongo afashe umwanzuro wo kwita ku muryango we.***

Avuga ko mu byahungabanyaga ituze ry'umuryango we harimo ikitwa ikigare, ibiganiro bishukana n'imyumvire mibi ku buringanire n'ubwuzuzanye.

Ibi ngo biri mu byamudindije ndetse akabaho yumva aramutse yumviye umugore yaba akoze amakosa atakwihanganirwa n'abagabo bagenzi be.

Ati: "Inama nazigirwaga mu kabari, yaba hari ibyo ntumvikanyeho n'umugore nkagirwa inama yo kumuhahamura kugira ngo ntazagira icyo mvuga akamvuguruza. Ni uko nubakiye urugo ku bishuko ngataha nkubita umugore wanjye, kugeza aho amakimbirane yadushoye mu bukene bukabije."

Yongeyeho ati: "Nagize amahirwe yo kugirwa inama ko umugore dukwiye kumvikana ku bikorwa biteza imbere umuryango, numva nkwiye guhinduka. Natangiye kubigerageza nataha aho gutontoma nkamubwira nti wiriwe Cheri? (Aseka), na we yabanje kutajya yikiriza yibaza icyabaye, ariko aza kubona ko mbirimo neza dutangira guhuza no kujya inama y'ibikwiye gukorwa, dutangira kugira amahoro mu rugo."

Akomeza agira ati: "Nyuma yo kumbura kenshi mu kabari, bakumva ko nsigaye mfasha umugore wanjye imirimo, abaturanyi batangiye kuvuga ko umugore yandoze. Bati asigaye yirirwa akubura, yoza ibyombo buriya isombe yarayiriye (baninura ko narozwe). Nababwiye ko niba yarandoze kugira ngo ngire amahoro iwanjye, nkore ntere imbere ahubwo akwiye kumpa bwinshi."

Akomeza agira ati: "Ndagaya abantu banshimagaga niyangiriza bakantera umugongo mbaye muzima. Icyo nasaba abagize umuryango ni ugusubiza agatima impembero, bakareba inyungu iri mu gufatanya bakareka kwiyangiriza."

Umugore wa Nkurunziza na we mu buhamya yahaye abagore bagenzi be ni uko yagerageje kugaruza umugabo we ubugwaneza kugeza ahindutse ndetse ubu bakaba bari gutera imbere.

Ati: "Narihanganye, yaba atasinze nkamwegera nkamubwira nti ariko ejo warampemukiye kandi narakubabariye uhindutse byaba byiza tugakora ibiduteza imbere nkaba nanabifashijwemo n'ubukangurambaga bw'ubuyobozi. Uyu munsi turi amahoro turakora tukunguka turi kugura amatungo, turahinga neza tukeza, turita ku bana aho tubabonera ibyo bakeneye."

Karangwa scovia, Umuyobozi w'Inama y'igihugu y'Abagore mu Karere ka Nyagatare asaba abagize umuryango guharanira impinduka nk'iza Nkurunziza bagaharanira ko umuryango ugira ituze n'ubufatanye.

Ati: "Tuzi ko umuryango ari ishingiro ry'iterambere ku baturage ndetse no ku Gihugu. Abantu rero ntibakwiye kuwuhanganiramo ahubwo bakwiye kunga ubumwe bakawuha icyerekezo nkuko ingero z'abemeye guhinduka zibitwereka. Ibi bizatuma tubasha no guhangana n'ibindi bibazo bishamikiyeho birimo guca igwingira mu bana n'ibindi."

Mu rwego rwo kurwanya amakimbirane yo mu miryango mu Karere ka Nyagatare hari gahunda yo kwigisha no guhugura imiryango irangwamo amakimbirane, aho bigishwa imibanire myiza kwizigamira, gukorera umuryango igenamigambi n'ibindi.





ITANGAZO

REPUBULIKA Y'U RWANDA
MINISITERI Y'UBUTEGETSI BW'IGIHUGU

INGINGO Z'INGENZI Z'IMPAMVU YO GUSABA GUHINDUZA AMAZINA

Turamenyesha ko uwitwa RUTAYISIRE Sano Miguel Ian mwene TWAGIRUMUKIZA Emmanuel na NYIRANZEYIMANA Rebecca, utuye mu Mudugudu wa Rugazi, Akagari ka Kibenga, Umurenge wa Ndera, Akarere ka Gasabo, mu Mujyi wa Kigali wanditse asaba uburenganzira bwo guhinduza amazina asanganywe ariyo RUTAYISIRE Sano Miguel Ian, akitwa RUGWIZA Salvano Miguel mu gitabo cy'irangamimerere. Impamvu atanga yo guhinduza izina ni Izina niswe n'ababyeyi.

Byemejwe na
HABIMANA Dominique
**Minisitiri w'Ubutegetsi bw'Igihugu**

Bikorewe i Kigali,
ku wa **08/03/2026**

**Sikana iyo code mu kugenzura iyi nyandiko**
CYANGWA
**Ugenzure ku irembo**
ukoresheje nomero ya dosiye
**B260226093140O1JX**

**ICYITONDERWA:** Kugirango hatabaho uburiganya, shakisha **nomero y'inyandiko** ku rubuga Irembo urebe neza niba iyo nyandiko ari nyayo mbere yo kuyikoresha.

Inyandiko Yatangiwe ku irembo

# Nyagatare: MININTER ishima akazi gakorwa n'Imboni z'umupaka

HITIMANA Servand

***Minisiteri y'Umutekano mu Gihugu (MININTER) ishima akazi gakorwa n'amatsinda yibumbiye mu byiswe "Imboni z'umupaka" zikorera mu Mirenge yo mu Karere ka Nyagatare ihana imbibi n'Igihugu cya Uganda.***

Ibyo Minisitiri w'Umutekano mu Gihugu Dr Vincent Biruta yabigarutseho mu kiganiro yagiranye n'izi mboni z'umupaka ubwo yahuriraga na bo mu Murenge wa Rwempasha.

Imboni z'umupaka ni abaturage baturiye umupaka batoranywa bazwiho ubunyangamugayo bagahabwa akazi ko gucunga ibyambu yaba ku manywa ndetse na nijoro.

Aba bareba abashaka gukoresha umupaka mu buryo butemewe, abambutsa magendu n'abanyura mu nzira zitemewe bava cyangwa bajya mu gihugu bakoresheje imipaka baturanye na yo.

Minisitiri Biruta yababwiye ko akazi bakora ari ingenzi ku gucunga umutekano w'igihugu. Ati: "Imboni z'umupaka turabashimira akazi mukora aho mufasha ubuyobozi n'inzego z'umutekano gukumira magendu, ndetse n'ibindi byaha bikorwa n'abakoresha imipaka mu buryo butemewe. Aho mutangiriye aka kazi bigaragara ko hari ibyahindutse kandi ni igisubizo cyiza ku buyobozi bw'igihugu cyacu."

Yunzemo ati: "Natwe turabizeza ubufatanye kugira ngo mukomeza gukora akazi kanyu neza. Ni muri urwo rwego mu minsi ya vuba tugiye kubagezaho inkunga ya Minisiteri twabateganirije izaza n'ubundi igamije gushyigikira ibyo mukora ndetse ikanabafasha kunoza akazi."

Bamwe mu bakora akazi ko gucunga ibyambu baganiriye n'Imvaho Nshya, bagaragaza ko batewe ishema no kuba ibyo bakora babishimirwa n'ubuyobozi bukuru bw'igihugu.

Rwakana Cyprien ati: "Mfite akanyamuneza nyuma y'ibiganiro twagejejweho na Minisitiri w'Umutekano. Yadushimiye kandi natwe twamushimiye kuba bazirikana ibyo dukora. Ibi biradutera imbaraga zo gukora kinyamwuga twirinda za ruswa dushobora kugushwamo n'abambutsa magendu n'abandi.

Rugamba Eddy na we yagize ati: "Nashimimye impanuro twahawe zijyanye no gucunga umutekano. Twagaragarijwe ko umutekano ugomba guhera iwacu mu ngo hanyuma ugakwira n'ahandi. Nishimiye kuba Minisitiri yatwemereye inkunga bizatuma hari intambwe dutera mu mikorere yacu ya buri munsi."

Gahunda y'imboni z'umupaka mu karere ka Nyagatare ikorera mu Mirenge ya Matimba, Musheri, Rwempasha, Tabagwe, Karama na Kiyombe. Kugeza ubu muri iyi Mirenge yose habarurwa imboni z'umupaka 652.

# Ngororero: Hagiye kuvugururwa umuhanda warengerwaga n'amazi ya Nyabarongo



Umuhanda Muhanga- Ngororero urengerwa n'amazi bikabangamira ingendo

HABIMANA Eric

***Umuhanda Muhanga - Ngororero ku gice cyo ku Cyome mu Murenge wa Gatumba, ukunda kurengerwa n'amazi iyo imvura igwa ari nyinshi bikabangamira ingendo n'imirima y'abaturage igatwarwa, biteganyijwe ko uri hafi kuvugururwa.***

Muri icyo gihe, imodoka zaturukaga cyangwa zerekeza mu bice by'Amajyepfo n'Iburengerazuba zasabwaga guhagarara, abaturage bagahitamo kurira umusozi bakagera ku Cyome ku rugabano rw'Uturere twa Muhanga na Ngororero, aho babonaga imodoka bakomeza ingendo zabo.

Nyirantezimana Janvier, umwe mu baturage batuye mu Murenge wa Gatumba kandi ufite imirima hafi y'uwo muhanda, yavuze ko iki kibazo kimaze igihe kinini kibaho, cyane cyane mu gihe cy'imvura.

Ati: "Uyu muhanda si ubwa mbere cyangwa ubwa kabiri wuzura amazi ya Nyabarongo. Bikunze kubaho cyane mu mvura, amazi akuzura agasandarira mu muhanda ku buryo nta modoka ishobora kuhanyura. Hari n'igihe imyaka yacu yangirika kubera ayo mazi."

Yakomeje avuga ko nk'abaturage bifuza ko hashakwa igisubizo kirambye, harimo no gutekereza kuwimura ukaba wanyuzwa mu misozi kugira ngo urindwe kwibasirwa n'amazi ya Nyabarongo.

Ruyitana Aroon na we yavuze ko ikibazo cy'uyu muhanda gikomeje kubagiraho ingaruka, kuko amazi ya Nyabarongo akunze gusandarira mu muhanda no mu mirima yabo mu gihe cy'imvura.

Ati: "Iyo imvura iguye ari nyinshi, amazi yuzura mu muhanda ndetse agasandarira no mu mirima yacu. Hari n'igihe abantu bava mu modoka bakurira umusozi bakajya gufata izindi modoka ku rundi ruhande."

Umuyobozi w'Akarere ka Ngororero wungirije ushinzwe Iterambere ry'Ubukungu, Uwihoreye Patrick, yavuze ko iki kibazo kizwi kandi hari gahunda yo kugikemura vuba.

Yagize ati "Ikibazo cy'uriya muhanda turakizi kandi kimaze igihe. Bitewe n'uko uri ku butumburuke buri hasi bituma wibasirwa na Nyabarongo cyane mu bihe by'imvura. Twawushyize mu ngengo y'imari kugira ngo uzubakwe wongerwe uburebure (uzamurwe hejuru) kugira ngo utazongera kwibasirwa n'amazi."

Yakomeje avuga ko inyigo y'ikorwa ry'uwo muhanda yamaze gukorwa ndetse n'isoko rikaba ryaratanzwe, ku buryo mu minsi iri imbere biteganyijwe ko imirimo yo kuwuvugurura izatangira.

Uwo muhanda usanzwe ari ingenzi mu guhuza Uturere twa Muhanga, Ngororero na Nyabihu, ariko iyo wangiritse bitewe n'imvura nyinshi, abagenzi basabwa gukoresha indi mihanda miremire irimo uwa Muhanga–Kigali–Musanze–Mukamira.

Ubuyobozi bw'Akarere ka Ngororero buvuga ko kuvugurura icyo gice cy'umuhanda bizafasha gukemura iki kibazo cyari kimaze igihe, bityo ingendo n'ubuhahirane hagati y'Uturere bigahabwa umurongo mushya.

## ITANGAZO RY'ISOKO

**REPUBULIKA Y'U RWANDA**

**MINISITERI Y'UBUREZI**

**AKARERE KA MUHANGA**

**ACEJ/KARAMA TSS**

**TEL: 0788607924, 0788760106 & 0788607912.**

**ITANGAZO RY'ISOKO MURI ACEJ KARAMA TSS**

Ubuyobozi bw' ikigo cy' amashuli cya ACEJ/KARAMA TSS giherereye mu Ntara y'Amajyepfo, Akarere ka Muhanga, Umurenge wa Muhanga ku bufatanye n' akanama gashinzwe gutanga amasoko muri icyo kigo, burifuza gutanga isoko ku bantu ku giti cyabo, amasosiyete cyangwa amakoperative, yujuje ibisabwa mu gupiganira amasoko ya Leta mu Rwanda. Uko isoko riteye:

**Isoko N°: 19/G/OCB/ACEJ.KA/2025-2026:** Isoko ryo kugemura ibiryo muri ACEJ/KARAMA TSS mu gihembwe cya gatatu (3) mu mwaka w' amashuli wa 2025-2026.

Uwifuza gupiganira iryo soko, agomba gufata igitabo gikubiyemo amabwiriza y'ipiganwa (cahier de charge/ DAO) mu biro by'umucungamutungo w'ishuri rya ACEJ/KARAMA TSS, amaze kwerekana urupapuro (bordereau) rwa Banki yishyuriyeho amafaranga (10,000Frw) y'igitabo adasubizwa, kuri konti N°: **100000396898** iri muri Banki ya Kigali(bk) cyangwa N°: **436317661010157**, iri muri banki y'abaturage y'u Rwanda (BPR) ishami rya Muhanga, y' ishuri rya ACEJ/KARAM TSS.

Ibitabo bikubiyemo amabwiriza y'ipiganwa biboneka mu biro by'umucungamutungo w'ishuli guhera kuwa 16/03/2025 kugeza kuwa 09/04/2026, hagati ya saa 9h00 na saa 16h00.

Amadosiye asaba gupiganira amasoko, azagezwa mu biro by' umucungamutungo wa ACEJ/KARAMA TSS bitarenze tariki ya 10/04/2026, saa yine zuzuye (10h00).

Gufungura amabahasha y'abapiganira isoko bizaba mu ruhame tariki ya **10/04/2026** saa yine n'iminota mirongo itatu **(10h30)**, muri ACEJ/KARAMATSS.

Bikorewe i Muhanga, ku wa 10/03/2026

**BISANGABAGABO Youssouf**

Umuyobozi w'ishuli rya ACEJ/KARAMA TSS

## ITANGAZO

bpr BANK

**PREQUALIFICATION OF TRAINERS**

BPR Bank Rwanda Plc (hereinafter referred to as "the Bank") is a licensed financial services operator in Rwanda, and is a member of the KCB Group, a leading financial services company in the East African region renowned for its diversity and growth.
BPR Bank Rwanda Plc is therefore inviting eligible training and development service providers, with well established, reputable, qualified and registered companies to submit their Expression of Interest for the below training categories.

Express of interests in sealed envelopes containing the below technical requirements must be delivered by **20th March 2026 at 5PM** to the Procurement office located on the 9th floor BPR Building addressed as follows; only companies outside Rwanda are allowed to submit their EOI by email.

**Senior Procurement Manager**
**BPR Bank Rwanda Plc**
**P.O. Box 1348,**
**KIGALI, RWANDA**
**Email: procurement@bpr.rw**

Please note that late submission will be rejected, and no financial proposals are required in this process.
**Technical Requirements:**

I. Company registration certificate
II. Valid Tax clearance certificates.
III. Valid RSSB Certificate
IV. A detailed Company profile showing area of business, current clients and business location,
V. Organizational structure showing directors and shareholders,
VI. Introduction Letter showing Area of Business Activities
VII. Provide proven experience in providing training services
VIII. Provide good completion certificates or recommendation letters for providing staff training and capacity building. The services must have been provided not later than the past five (5) years
IX. Provide CVs of your certified trainers
X. Financial Accounts for the past two years
XI. Any other information that the supplier considers important to this process

**CATEGORY 1: LEADERSHIP & MANAGEMENT DEVELOPMENT**
1. Executive leadership
2. People management and performance leadership,
3. Strategic thinking and decision making
4. Change and transformation of leadership

**CATEGORY 2: MENTORSHIP AND COACHING PROGRAMS**
1. Mentorship framework design
2. Mentor and mentee capacity building
3. Coaching methodologies and facilitation
4. Program monitoring and evaluation

**CATEGORY 3: EMPLOYEE WELLNESS & ENGAGEMENT PROGRAMS**
1. Mental health awareness
2. Stress management and resilience
3. Emotional intelligence
4. Employee engagement initiatives

**CATERGORY 4: BANKING TECHNICAL & FUNCTIONAL TRAINING**
1. Banking operations
2. Credit and risk management
3. Compliance and regulatory training
4. Digital Banking systems
5. Customer service excellence

**CATERGORY 5: IT TECHNICAL**
1. Networking
2. Developers
3. Core Banking / Enterprise Systems
4. Cloud & Virtualization
5. Data & Analytics
6. End-User Computing

**Done in Kigali, 10/03/2026**

**Bryan KWIKIRIZA**
**Senior Procurement Manager**

## ITANGAZO

CIIC-HIN SEEK-IN

*SEEK-IN The Centre for Impact, Innovation and Capacity building for Health Information Systems and Nutrition.*

Gasabo, Nduba, Gatunga
Agasharu, Plot 1603
Kigali-Rwanda

**ITANGAZO RIMENYESHA GUHINDURA IZINA RY'UMURYANGO UTARI UWA LETA (NGO)**

**"CENTRE FOR IMPACT, INNOVATION AND CAPACITY BUILDING FOR HEALTH INFORMATION SYSTEMS AND NUTRITION" (CIIC-HIN)**

Hashingiwe ku Itegeko Nº 058/2024 ryo ku wa 20/06/2024 rigenga Imiryango Itari iya Leta (NGO), by'umwihariko Ingingo ya 11, Igika cya 1 (f), turamenyesha abafatanyabikorwa, abagenerwabikorwa ndetse n'abantu bose ko:

"Centre for Impact, Innovation and Capacity Building for Health Information Systems and Nutrition" (**CIIC-HIN**), Umuryango utari uwa Leta wemewe n'amategeko kandi ukorera mu Rwanda, uteganya guhindura izina ukitwa: **Community Research Center (CRC).**

Icyemezo cyo guhindura izina cyafashwe kandi cyemezwa n'urwego rubifitiye ububasha muri uyu Muryango, kikazashyikirizwa inzego za Leta zibishinzwe kugira ngo cyemezwe hakurikijwe amategeko.

Iri hindurwa ry'izina kandi rirareba gusa umuryango utari uwa Leta (NGO) wanditswe ku izina rya "Centre for Impact, Innovation and Capacity Building for Health Information Systems and Nutrition" (**CIIC-HIN**). Ntirireba kandi nta ngaruka rifite iyo ariyo yose ku kigo CIIC-HIN Ltd, gikomeza kuba Ikigo cyemewe n'amategeko cyihariye kandi cyigenga ku izina ryacyo risanzwe, ndetse no ku rwego rw'amategeko gisanganywe, no ku nshingano zacyo.

Iri tangazo kandi risohotse mu rwego rwo kubimenyesha abantu bose muri rusange ndetse n'abafatanyabikorwa bacu by'umwihariko, rizamara igihe cy'iminsi mirongo itatu (30) uhereye itariki ritangarijweho. Nyuma yaho, Umuryango uzakomeza inzira zemewe zo kwandikisha ku mugaragaro izina rishya, nk'uko biteganywa n'amategeko.

Bikorewe i Kigali ku wa 10/03/2026

**Dr. Jeanine CONDO**
**Umuyobozi Mukuru**

## ITANGAZO RY'ISOKO

REPUBLIC OF RWANDA
MINEDUC
SOUTHERN PROVINCE, NYAMAGABE DISTRICT, KADUHA SECTOR
**GROUPE SCOLAIRE SAINT JEAN BOSCO KADUHA**
**(G.S.KADUHA)**
B.P 14 GIKONGORO
E-mail: gssjboscokaduha@yahoo.fr
Tel.: +250789405275
**Bank Account number: 131-1050346-60 EQUITY BANK or 482334199410145/ BPR**

**ITANGAZO RY'AMASOKO APIGANIRWA MURI GS KADUHA**

Ubuyobozi bwa Groupe Scolaire KADUHA bufatanyije n'Akanama gashinzwe gutanga amasoko buramenyesha ba rwiyemezamirimo babishaka kandi babifitiye ubushobozi ko hari amasoko anyuranye apiganirwa yo kugemura ibiribwa byo gutunga abanyeshuri n'ibikoresho binyuranye bizakoreshwa mu gihembwe cya gatatu cy'umwaka w'amashuri wa 2025-2026 muri Groupe Scolaire Kaduha.

Dore urutonde rw'amasoko apiganirwa:

**Isoko rya mbere (Lot 1) rigizwe n'ibiribwa bikurikira: ibishyimbo n'amasaka y'igikoma.**
**Isoko rya kabiri (Lot 2) rigizwe n'ibiribwa bikurikira: kawunga, amavuta y'ubuto, umunyu, isukari n'amajyane.**
**Isoko rya gatatu (Lot3) rigizwe n'ibikoresho binyuranye bizakenerwa mu buzima bw'ishuri.**

Abifuza gupiganira isoko bahisemo, bahabwa igitabo gikubiyemo amabwiriza arambuye ajyanye naryo kiboneka mu bunyamabanga bw'ishuri ku minsi no ku masaha y'akazi guhera taliki ya 24/03/2026, bamaze kwerekana Bordereau bishyuriyeho amafaranga ibihumbi icumi (10,000 Frw) adasubizwa kuri buri soko, yishyurwa kuri konti z'Ishuri zikurikira: Konti No -131-1050346-60 yitwa GROUPE SCOLAIRE St J.BOSCO KADUHA iri muri EQUITY BANK cyangwa konti No 482334199410145 yitwa GS KADUHA iri muri Banki y'Abaturage y'u Rwanda cyangwa 91784 yitwa KADUHA GS iri mu UMWALIMU SACCO.

Amabahasha akubiyemo ibisabwa byose afunze neza kandi yanditseho inyuma isoko ripiganirwa agomba kuba yageze mu bunyamabanga bw'Ishuri bitarenze taliki ya 31/03/2026 Saa tanu zuzuye (11h00) afungurwe mu ruhame kuri uwo munsi saa tanu n'igice (11h30') mu cyumba cy'ishuri.

Abagize Akanama gatanga amasoko bafite uburenganzira bwo kudatanga isoko mu gihe basanze hatanzwe ibiciro bihanitse cyane cyangwa biri hasi cyane y'ibiciro biri ku isoko.

Bikorewe i Kaduha ku wa 11/03/2026

Padiri MUKESHIMANA Jean Damascene
Umuyobozi wa Groupe Scolaire Kaduha





## ITANGAZO RY'ISOKO

REPUBULIKA Y'URWANDA GITWE Kuwa 01 /03/2026

INTARA Y'UBURASIRAZUZA

AKARERE KA NGOMA

Email: cavgitwe@yahoo.fr

P.O.BOX:62 KIBUNGO

Tel : 0783188751 ,0782827213

ITANGAZO

UBUYOBOZI BW'IKIGO CYA EAV GITWE TSS BURAMENYESHA BA RWIYEMEZAMIRIMO N'AMAKOPERATIVE BOSE BIFUZA GUPIGANIRA ISOKO NO 022 / EAV GITWE /GOODS/2025/2026 RYO KUGEMURA IBIRYO BY'ABANYESHURI BYIGIHEMBWE CYA GATATU ( III ),IBIKORESHO BY'ISHURI N'INKWI . ABABYIFUZA BAKWANDIKIRA UBUYOBOZI BW'ISHURI AMABARUWA ASABA ISOKO AGARAGAZA IBICIRO BY'IBYO BAPIGANIRA.

IGITABO GIKUBIYEMO AMABWIRIZA Y'IPIGANWA KIRI MUBIRO BY'UBUNYAMABANGA BW'ISHURI UGIHABWA YISHYURA AMAFARANGA IBIHUMBI ICUMI (10,000)FRW ) ADASUBIZWA ASHYIRWA KURI KONTI Y'ISHURI NO: 570313199110138 IRI MURI BANKI Y'ABATURAGE (BPR) .

NB: KWAKIRA AMABARUWA BIZATANGIRA TARIKI 01/03/2026 BIKAZARANGIRA TARIKI YA 01/04/2026 ISAA YINE 10H00 ZA MU GITONDO ARI NABWO AMABARUWA AZAFUNGURWA MU RUHAME IBARUWA IZARENZA IYO SAHA YA SA YINE ITARAGERA MU BUNYAMABANGA BW'ISHURI NTAGO IZAKIRWA

ICYITONDERWA UWAKENERA IBINDI BISOBANURO BIRAMBUYE YA HAMAGARA Tel: +250783188751/ 0782827213

BIKOREWE IGITWE KU WA 01/03/2026

Pst.NSANZIMANA JEAN CLAUDE

UMUYOBOZI W'ISHURI RYA EAV GITWE TSS

## ITANGAZO RY'ISOKO

**REPUBULIKA Y'U RWANDA**

**MINISITERI Y'UBUZIMA**
**AKARERE KA GASABO**
**IKIGO NDERABUZIMA CYA KACYIRU**
**B.P: 6183 Kigali.**
**EMAIL**:kacyiruhealthcenter@gmail.com

ITANGAZO RYO GUTANGA AMASOKO

IKIGO NDERABUZIMA CYA KACYIRU KIRI MU MUJYI WA KIGALI, AKARERE KA GASABO, UMURENGE WA KACYIRU, AKAGALI KA KIBAZA, UMUDUGUDU WA VIRUNGA IRUHANDE RW'IBITARO BYA KACYIRU.KIRAHAMAGARIRA BA RWIYEMEZAMIRIMO BABISHOBOYE KANDI BAFITE IBYANGOMBWA BIBEMERERA GUPIGANIRA AMASOKO YA LETA KO GISHAKA GUTANGA AMASOKO AKURIKIRA:

1.ISOKO RYO GUKORA MAINTENANCE Y'IBINYABIZIGA BYA MOTO

2.ISOKO RYO KUGEMURA IBIKORESHO BYO MU BIRO

3.ISOKO RYO GUTANGA ESSANCE Y'IBINYABIZIGA

IBINDI BISOBANURO N'ANDI MAKURU Y'IBIRANGA AMASOKO BIGARARA MU BITABO BISOBANURA AMASOKO BIBONEKA MU BIRO BY'UMUYOBOZI W'IKIGO NDERABUZIMA KUVA TALIKI YA 12/03/2026 KUGEZA TALIKI YA 19/03/2026 MU MASAHA Y'AKAZI.USHAKA IGITABO CYIRANGA ISOKO AZAGIHABWA AMAZE GUTANGA INYEMEZABWISHYU YA 10,000 FRW ADASUBIZWA YISHYUWE KURI KONTI IFUNGUYE MURI **ZIGAMA CCS NO 7021932 Y'IKIGO NDERABUZIMA CYA KACYIRU .**

ICYITONDERWA

*- BURI SOKO RIZAPIGANWA UKWARYO,*

*- INYANDIKO Y'ISOKO RYO GUTANGA ESSANCE Z'IBINYABIZIGA IZATANGIRWA UBUNTU.*

BA RWIYEMEZAMIRIMO BABISHOBOYE KANDI BUJUJE IBISABWA BARASABWA KUGEZA IBYANGOMBWA HAMWE N'IBARUWA ISABA GUPIGANIRA ISOKO KU KIGO NDERABUZIMA CYA KACYIRU MU BIRO BY'UMUYOBOZI W'IKIGO NDERABUZIMA BITARENZE TALIKI YA 20/03/2026 SA MUNANI (14H00) Z'AMANYWA, INYANDIKO Z'ABAPIGANWE ZIZAFUNGURWA UWO MUNSI SA CYENDA Z'AMANYWA (15H00).

BIKOREWE KACYIRU KUWA 09/03/2026. UMUYOBOZI W'IKIGO NDERABUZIMA CYA KACYIRU

MUKAGASANA Cementine

## ITANGAZO RY'ISOKO

**AKARERE KA NYAMAGABE**
**GROUPE SCOLAIRE KIGEME-A-**
**E.mail:** gskigeme2@yahoo.com
**Tel: 0788600587**

**ITANGAZO RY'ISOKO**

Ubuyobozi bwa Groupe Scolaire Kigeme-A- bufatanyije n'Akanama gashinzwe gutanga amasoko muri iryo shuri buramenyesha ba Rwiyemezamirimo babifitiye ubushobozi ko ryifuza gutanga amasoko **y'ibiribwa** bizatunga abanyeshuri mu gihembwe cya gatatu 2025-2026. Abifuza gupiganira ayo masoko bagomba kuba bafite:

- Ibyangombwa by'ubucuruzi.
- EBM n'ibindi.

Ibitabo bikubiyemo ibyangombwa byose bisabwa n'amabwiriza agenewe ayo masoko biboneka ku ishuri rya GS Kigeme-A- mu minsi y'akazi hamaze kwishyurwa **amafaranga ibihumbi icumi (10,000 RWF)** adasubizwa kuri Konti y'ishuri **No: 4029200090909 iri muri EQUITY Bank** cyangwa kuri konti **No: 481-138267610-177 iri muri bpr BANK**. Abifuza gupiganira ayo masoko bagomba kuba bagejeje amabahasha afunze arimo ibiciro muri GS Kigeme-A- bitarenze tariki ya 06/04/2026 saa tatu (9h00) za mu gitondo. Gufungura amabahasha ni kuri iyo tariki saa tatu n'igice (9h30) za mu gitondo mu cyumba cy'iryo shuri.

Bikorewe ku Kigeme, kuwa 06/03/2026

**HARERIMANA Emmanuel**
Umuyobozi w'Ishuri

## ITANGAZO RY'ISOKO

**REPUBULIKA Y' U RWANDA**

**Groupe Scolaire Mater Dei**

**Tel : 0788300888**

**E-mail :gsmaterdeinyanz@yahoo.fr**

**ITANGAZO RY'ISOKO RY'IBIKORESHO BY'ISUKU N'IBYO MU BIRO**

Ubuyobozi bw' ishuri rya Groupe scolaire Mater Dei riherereye mu karere ka Nyanza, Umurenge wa Busasamana burahamagarira ba rwiyemezamirimo babifitiye ubushobozi gupiganira isoko rikurikira :

1. **IBIKORESHO BY'ISUKU NO MU BIRO**

Abifuza gupiganira isoko bashobora kuza gufata igitabo gikubiyemo amabwiriza arigenga aho ishuri rikorera, guhera ku wa 25/03/2026 mu masaha y'akazi kuva 8h30-16h30, nyuma yo kwishyura amafaranga ibihumbi icumi (10,000frw) adasubizwa kuri konti 100000725115 BK ya Groupe Scolaire Mater Dei.

Bikorewe I Nyanza ku wa 05/03/2026

**Umuyobozi w'ishuri**

**Soeur Marie Grace MUKASHYAKA**

## ITANGAZO RY'ISOKO

REPUBULIKA Y'U RWANDA

INTARA Y'AMAJYEPFO
AKARERE KA NYAMAGABE
TTC MATER DEI MBUGA
E-mail:enpttcmbuga@yahoo.fr
Tel: 0788641396

### ITANGAZO RY'ISOKO

Ubuyobozi bw'ishuri rya TTC Mater Dei Mbuga bufatanije n'akanama gashinzwe gutanga amasoko muri iryo shuri buramenyesha ba rwiyemezamirimo bujuje ibyangombwa kandi babifitiye ubushobozi ko hari isoko ry'ibizakenerwa mu gihembwe cya gatatu, umwaka w'amashuri wa 2025/2026 .Ibizakenerwa bikubiye muri lots enye(4) ari zo:

1. **Isoko ry'ibiribwa biramba**
2. **Isoko ry'ibiribwa bitaramba**
3. **Isoko ry'ibikoresho byo mu biro ,imyigishirize,isuku ,imyidagaduro n'ibikoresho byo mu gikoni**
4. **Isoko ry'ibikoresho by'ubwubatsi,amashanyarazi n'amazi**

Ibitabo bikubiyemo amabwiriza y'ipiganwa biboneka mu bunyamabanga bw'Ishuri mu masaha y'akazi nyuma yo kwishyura amafaranga adasubizwa Ibihumbi icumi y'u Rwanda(10000Frw) kuri buri lot,akishyurwa kuri compte n° 91787 ya MBUGA TTC iri mu Umwalimu Sacco.Inyandiko z'ipiganwa zizagezwa mu bunyamabanga bw'ishuri bitarenze taliki ya 01/04/2026 isaa tatu za mugitondo (09h00),zifungurwe mu ruhame uwo munsi taliki ya 01/04/2026 bikorerwe mu cyumba mbera byombi cy'ishuri i saa yine (10h00) z'amanywa.

Bikorewe TTC Mater Dei Mbuga,ku wa 10/03/2026
MURWANASHYAKA Philippe
Umuyobozi w'ishuri

## ITANGAZO RY'ISOKO

REPUBULIKA Y'U RWANDA
INTARA Y'AMAJYEPFO
DIOCESE YA BUTARE
AKARERE KA NYANZA

ECOLE DES SCIENCES SAINT LOUIS DE MONTFORT NYANZA
B.P: 30 NYANZA
Email: esclmnyanza@gmail.com
Tel: 0788597099

### ITANGAZO RYO GUPIGANIRA ISOKO RY'IGIHEMBWE CYA GATATU 2025/2026

Ubuyobozi bw'ishuri rya **ECOLE DES SCIENCES SAINT LOUIS DE MONTFORT NYANZA** riherereye mu murenge wa Busasamana, Akarere ka Nyanza, Intara y'Amajyepfo; burahamagarira ba rwiyemezamirimo babyifuza kandi babifitiye ubushobozi kuza gupiganira isoko **ry'ibiribwa bihunikwa (Lot 1), Ibikoresho by'amasomo, ibyo mubiro n'iby'isuku (Lot 2),** by'igihembwe cya kabiri 2025-2026. Abifuza gupiganira iryo soko basabwe kuza gufata ibitabo bikubiyemo amabwiriza agenga ipiganwa mu biro by'umunyamabanga w'iryo shuri mu masaha y'akazi, guhera tariki ya 12/03/2026 kugeza tariki ya 11/04/2026, nyuma yo kwishyura amafaranga ibihumbi bitanu y'u Rwanda **(5,000Frw)** adasubizwa kuri konti y'ishuri no **100000429575** muri Banki ya Kigali (BK). Amabahasha afunze neza kandi arimo ibitabo bine (umwimerere na kopi 3), bifungiye mu ibahasha imwe, agomba kuba yageze mu bunyamabanga bw'iryo shuri bitarenze tariki ya **11/04/2026 saa yine (10h00)** za mugitondo. Gufungura ayo mabahasha bizakorwa kuri uwo munsi, tariki ya **11/04/2025 saa yine n'igice (10h30)** za mu gitondo mu cyumba cy'inama cy'iryo shuri.

Bikorewe i Nyanza kuwa 11/03/2026.

**Padiri Egide NIYOMUGABO**

**Umuyobozi w'ishuri**

## ITANGAZO RY'ISOKO

REPUBULIKA Y'U RWANDA

AKARERE KA RUSIZI
COLLEGE DE NKANKA
TEL: 0788956986
Collegenkanka98@yahoo.fr

**ITANGAZO**

UBUYOBOZI BW'IKIGO CYA COLLEGE DE NKANKA BUFATANYIJE NA KOMITE Y'ABABYEYI BARERERA MURI ICYO KIGO BURAMENYESHA ABANTU BOSE BABYIFUZA KANDI BABIFITIYE UBUSHOBOZI KO BWIFUZA GUTANGA ISOKO RYO **"KUGEMURA IBISHYIMBO N'AKAWUNGA BIZAKENERWA MU GIHEMBWE CYA GATATU 2025-2026"**
IGITABO GIKUBIYEMO AMABWIRIZA Y'IPIGANWA KIBONEKA MU BUNYAMABANGA BW'ISHURI MU MASAHA Y'AKAZI GUHERA KUWA 17/03/2026 HEREKANYWE INYEMEZABWISHYU Y' AMAFARANGA ADASUBIZWA IBIHUMBI BITANU (5000FRW) YISHYUWE KURI KONTI Y'IKIGO N0 900019591600 IFUNGUYE MU UMWALIMU SACCO MU MAZINA YA COLLEGE DE NKANKA .
AMABAHASHA Y'IPIGANWA ARIMO IBICIRO AFUNZE NEZA , ASHYIKIRIZWA AKANAMA GASHINZWE GUTANGA AMASOKO MU CYUMBA CY'INAMA Y'ISHURI KU MUNSI W'IFUNGURA TARIKI YA 08/04/2026 SAA TANU ZA MUGITONDO(11:00) ARI NABWO AZAFUNGURWA KU MUGARAGARO
**N.B: RWIYEMEZAMIRIMO UTAZUBAHIRIZA ISAHA YA SAA TANU (11:00) DOSSIER YE NTIZAKIRWA.**

**BIKOREWE KU NKANKA, KUWA 10/03/2026**

**MUKESHIMANA DANIEL**
**UMUYOBOZI W'IKIGO CY'ISHURI CYA COLLEGE DE NKANKA**

## ITANGAZO RY'ISOKO

DISTRICT RUSIZI

SECTEUR NKUNGU

CENTRE DE SANTE NKUNGU

Email : centredesantenkungu@gmail.com

Tel :0788212332 /0787365587

### AVIS D'APPEL D'OFFRES

Le centre de santé de Nkungu localise dans le secteur Nkungu,District Rusizi, lance les avis d'appel d'offres pour l'exécution des marchés cités ci-après :

1.Travaux d'hygiène, brancardage, gardiennage et manutention du Centre de santé Nkungu,
2. Achat fourniture des bureaux du centre de sante NKUNGU
3. Achat du carburant(huille moteur,mazout,essance) du centre de sante NKUNGU
4. Maintenance entretien et reparation des motocyclettes et groupe electrogene du centre de sante
5. Maintenance des machines ,accessoires et printers du Centre de Sante

La participation à la concurrence est ouverte à égalité de conditions aux entreprises de droit rwandais qui doivent être immatriculées au registre de commerce de la République du Rwanda. Les dossiers d'appel d'offre peuvent être retirés à partir du 17/ 03/2026 auprès du secrétariat de centre de santé Nkungu sur présentation d'un bordereau de versement du montant de dix mille francs rwandais (10000 frw) , non remboursable au compte Nº 00054-00032082-05 de Centre de sante Nkungu ouvert à la Banque de Kigali/Rusizi.

Les offres bien dactylographiées, reliées convenablement et présentées en quatre exemplaires dont un original et trois copies, accompagnées d'une caution de soumission mentionnées dans le dossier d'appel d'offre ,sous peine d'être rejetées doivent parvenir sous pli scellé au secrétariat de centre de santé Nkungu au plus tard le 6/ 04 /2026 à 10 h00 précises (heure locale).La date de visite de lieu est fixe le 17/3/2026 de 10h-15heures.

Les offres doivent être valides pour une période de 120 jours suivant la date d'ouverture des plis. L'ouverture des offres aura lieu le 6/4/2026 à 10 h30 dans la salle de réunion de centre de santé Nkungu en séance publique.

Fait à Nkungu, le 06/ 03 /2026

**GATABAZI Jean Bosco**

Titulaire du Centre de sante NKUNGU





## ITANGAZO

### ITANGAZO RITUMIRA MU NAMA ABANYAMIGANABE BAHEREREYE AHATAZWI

UMUYOBOZI WA WAKEUP FOREX BUREAU LTD ARAMENYESHA ABA BAKURIKIRA AHO BARI HOSE KO BATUMIWE MU NAMA Y'ABANYAMIGABANE BIYO SOSIYETE IZATERANA KUWA **27/03/2026** SA YINE ZA MUGITONDO AHO IYO SOSIYETE IKORERA NYABUGOGO. ABANYAMIGABANE BAZASUZUMA KANDI BAFATE IMYANZURO KU: 1) ***IKIBAZO CY'ABANYAMIGABANE BABUZE;*** 2) ***UTUNTU N'UTUNDI.*** ABO BATUMIWE NI ABA BAKURIKIRA: 1. **KALISA CLAUDE;** 2. **KAYEMBA Gerald**.

***BIKOREWE I KIGALI KUWA 05/03/2026***

UMUYOBOZI WA WAKEUP FOREX BUREAU LTD

KAMANZI David

## ITANGAZO RY'ISOKO

REPUBLIQUE DU RWANDA

PROVINCE DU SUD
DISTRICT DE KAMONYI
SECTEUR RUNDA
RUNDA TECHNICAL SECONDARY SCHOOL
Tel : 0788847122
Email: tssrunda33@gmail.com

### AVIS D'APPEL D'OFFRES N°3/RUNDA TSS /3/2026

**MARCHE DE FOURNITURE DES VIVRES STOCKABLES DANS RUNDA TSS DANS LE DISTRICT DE KAMONYI.**

Runda TSS invite tous les soumissionnaires éligibles et qualifiés pour le marché de Fourniture des vivres stockables, pour le Troixieme Trimestre de l'année Scolaire 2025/2026 dans ladite école située dans le District de Kamonyi.
La participation à la concurrence est ouverte à égalité de conditions à toute entreprise ou cooperative spécialisée dans les marchés de ce genre inscrite dans de registre de commerce de la Republique Rwandaise et sera ouverte à tous les soumissionnaires éligibles et qualifiés tels que defini dans le Dossier d'Appel d'Offre.
Les dossiers d'Appel d'Offre pour ce marché peuvent être obtenus au Bureau du secrétariat de Runda TSS pendant les heures de service dépuis le **10/3/2026,** sur présentation d'un bordereau de versement du montant non remboursable de Dix mille francs rwandais (10,000frw) pour chaque lot acheté, sur le compte N° **002880773603845** ouvert dans la Banque de Kigali **(BK)**.
Les soumissions bien dactylographées redigées en langue Rwandaise, française ou anglaise, reliées convenablement et présentées sous plis fermé en 3 exemplaires dont un original et deux copies au plus tard le **1/4/2026** à **10h00** heures précises.

L'ouverture des offres aura lieu en séance publique le même jour à **10h30** dans la salle de réunion de Runda TSS. La validité des offres est de 90 jours à partir de la date limite de réception des offres.
**Le présent marché et composé d'un seul Lot à savoir:**

1. **Fournitures du Riz**
2. **Fourniture de Farine de Maïs**
3. **Fourniture des Haricots**

**NB:Chacun peut acheter un lot de son choit.**

**Fait à RUNDA, le 10/3/2026**
**HAKIZIMANA Enos**
**Directeur de Runda TSS**

## ITANGAZO RYA CYAMUNARA

### ITANGAZO RYA CYAMUNARA

KUGIRANGO HASHYIRWE MU BIKORWA ICYEMEZO CY'UMWANDITSI MUKURU/RDB No : Ref.N°: **026-029957 cyo kuwa 09/02/2026, HISHYURWA UMWENDA WA BANKI UWASHINZWE KUGURISHA INGWATE Me MUDAHEMUKA Barahira Johnson ARAMENYESHA ABANTU BOSE KO AZAGURISHA MU CYAMUNARA UMUTUNGO UTIMUKANWA UGIZWE N'UBUTAKA BUBARUYE KURI UPI : 5/04/07/01/2056** BUHEREREYE MU MUDUGUDU WA RUGEYO MU KAGARI KA KAGEYO, UMURENGE WA MWIRI, AKARERE KAYONZA, INTARA Y'IBURASIRAZUBA.

| CYAMUNARA | UMUNSI/UKWEZI | UMWAKA | ISAHA |
|---|---|---|---|
| KU NSHURO YA MBERE. | 14/03 kugeza 21 /03/2026 | 2026 | saa tanu z'amanywa (11:00AM) |
| KU NSHURO YA KABIRI. | 23/03 kugeza 30/03/2026 | 2026 | saa tanu z'amanywa (11:00AM |
| KU NSHURO YA GATATU. | 01/04 kugeza 08/04/2026 | 2026 | saa tanu z'amanywa (11:00AM |

- UBUSO BW'UBUTAKA NI: **51194 $M^2$**
- UFITE AGACIRO KANGANA NA **40,955,200Fwf.** USHAKA GUPIGANWA ATANGA IBICIRO ANYUZE KU RUBUGA www.cyamunara.gov.rw RW'INYANDIKO MPESHA ZIRANGIZWA ARI NARWO CYAMUNARA IBERAHO.
- UPIGANWA KWEGUKANA UWO MUTUNGO AGOMBA GUTANGA 5% BY'AGACIRO KUWO MUTUNGO NK'INGWATE Y'IPIGANWA ANGANA NA **2,047,760 Rwf** BINYUZE MURI SYSTEM CYAMUNARA IBERAMO.
- IBICIRO BY'ABAPIGANWE BIZATANGAZWA TALIKI YA **09/03/2026** /SAA TANU Z'AMANYWA (11H00) NIHATAGIRA UTSINDIRA UWO MUTUNGO CYAMUNARA IZAKOMEZA NKUKO IMBONERAHAMWE IBIGARAGAZA.
- GUSURA UWO MUTUNGO BIZAKORWA BURI MUNSI KUVA KU WA **02/03/2026** MU MASAHA Y'AKAZI

UZATSINDA MURI CYAMUNARA AZISHYURA KURI KONTI **Nº: 7075311** YA **MUDAHEMUKA Barahira Johnson** IRI MURI ZIGAMA CSS. AMAFOTO N'IGENAGACIRO BYAWO BIBONEKA KU RUBUGA RW'IMANZA ZIRANGIZWA www.cyamunara.gov.rw.
USHAKA IBINDI BISOBANURO YAHAMAGARA TELEPHONE IKIRURIKIRA**: 0788854928.**
BIKOREWE I KIGALI, KU WA **03/03/2026.**

UWASHINZWE KUGURISHA INGWATE:

Me MUDAHEMUKA Barahira Johnson

## ITANGAZO RY'ISOKO

THE REPUBLIC OF RWANDA
MINISTRY OF EDUCATION
EASTERN PROVINCE
NGOMA DISTRICT
ZAZA SECTOR
TTC ZAZA
E-mail: newttczaza@gmail.com/Phone:0790645500

T.T.C ZAZA

Tariki 10/03/2026

### ITANGAZO RY'ISOKO

Ubuyobozi bw'ishuri rya TTC ZAZA bufatanyije n'akanama gashinzwe gutanga amasoko buramenyesha ba Rwiyemezamirimo ko bifuza gutanga amasoko y'ibiribwa n'ibikoresho bizifashishwa mugihembwe cya Gatatu 2025-2026

1. Isoko ryo kugemura Umuceri
2. Isoko ryo kugemura Akawunga
3. Isoko ryo kugemura Ibshyimbo
4. Isoko ryo kugemura Ibitoki n'imyumbati
5. Isoko ryo kugemura amavuta, isukari, umunyu, inyama,ibirungo n'ibindi

Abifuza gupiganira ayo masoko barasabwa kugeza amabaruwa asaba isoko m'Ubunyamabanga bw'ishuri tariki 01/04/2026 saa yine za mugitondo (10h00), amabaruwa afungurwe m'uruhamwe uwo munsi saa y'ine n'igice (10h30'). Buri gitabo cy'ipiganwa cyishyurwa ibihumbi bitanu (5,000) kuri konti nomero 4034200040193 ya TTC ZAZA iri muri EQUITY Bank cyangwa 568310866311 ya TTC ZAZA iri muri BPR.

Umuyobozi wa TTC ZAZA

**Padiri Jean Paul NSHIMIYIMANA**

Imvaho Nshya Imyidagaduro

# Umwanditsi Uwitonze yeretse abagore uko bahuza akazi n'inshingano z'urugo

MUTETERAZINA Shifah

***Umwanditsi w'ibitabo Uwitonze Clarisse yanditse igitabo yise 'The Reset Blueprint for Women' agaragariza abagore uko bashobora guhuza akazi kabo ka buri munsi n'inshingano zo mu rugo kuko usanga bibabana byinshi bikaba byabatera akajagari mu mutwe.***

Muri icyo gitabo agaragaza uburyo umugore agomba kwikebuka mu nshingano ze zose, gushakisha amaramuko cyangwa inshingano z'urugo ntibitume amera nk'aho atiyitayeho ibyo yise kuba wagira akajagari mu bwonko.

Aganira na Imvaho Nshya, Uwitonze yavuze ko igitekerezo cyo kwandika cyaturutse mu bihe bitari bimworoheye yaciyemo byo kuba mu buzima buhuze cyane.

Yagize ati:" Inkomoko y'igitabo yaturutse ku rugendo rwanjye bwite n'ibyo nabonye no ku bagore benshi nganira na bo, hari igihe nari mu buzima buhuze cyane, mfite akazi ka buri munsi katangiraga saa tatu kakarangira saa kumi n'imwe. Ndi umubyeyi w'abana babiri bato, ndi umugore wubatse urugo, kandi nkirimo no gutangira ubucuruzi ku ruhande."


Uwitonze yanditse igitabo gifasha abagore guhuza inshingano n'akazi

Yongeyeho ati: "Nubwo byasaga neza inyuma, abantu benshi bandeba bakumva narageze ku ntsinzi y'ubuzima, ariko hari igihe numvaga ntari ku murongo neza nkumva muri njye hari icyo mbura."

Akomeza avuga ko ari bwo yatekereje icyo yise '6 Months reset challenge yakoze muri 2025' akayikorana n'abandi bagore yifashishije ubuhamya bwabo.

Muri ayo mezi atandatu agaragaza ko yibazaga ikintu gishobora gufasha umugore kugira ubuzima bufite icyerekezo kandi akumva ameze neza mu bice byose by'ubuzima.

Muri icyo gitabo Uwitonze agaragaza ko uwagisoma yamenya ihuriro ry'imitekerereze, ubuzima buzira umuze ndetse n'imicungire y'ifaranga kuko akenshi usanga bimwe iyo bitunganyijwe ibindi bipfa kandi ubikora ntako aba atagize ngo abijyanishe icyakora bikamusigira umunaniro n'akajagari mu bwonko.

Akomeza agaragaza uburyo umuntu yakwikorera ubugenzuzi mu gihe cy'amezi atandatu bikamufasha kongera kumenya neza ubuzima bwe muri rusange, uko acunga amafaranga, icyizere cy'ubuzima byose bishingiye ku mitekerereze.

Uwitonze avuga ko ubutumwa yagenera uzagisoma ari uko akwiye kumenya ko ubuzima yifuza buri mu ruhande rw'ikinyabupfura, kuko uwamenye kujyanisha izo ngingo 3 z'ingenzi ntagire iyo yirengagiza ibintu birushaho kugenda neza.

Kwandika icyo gitabo avuga ko byamutwaye umwaka umwe ariko yari amaze imyaka itatu akurikirana igitekerezo cyacyo aho ashimira abamubaye hafi.

Ati: "Ndashimira cyane umuryango wanjye, cyane cyane umugabo n'abana banjye kubera inkunga y'urukundo banyeretse muri uru rugendo.

Ndashimira kandi abagore benshi twakoranye mu kigereranyo cy'amezi atandatu kuko ibitekerezo byabo n'ubuhamya bwabo byamfashije kumva neza ibibazo abagore benshi bahura nabyo."

Uwitonze yasohoye icyo gitabo nyuma y'iminsi mike hizihijwe umunsi mpuzamahanga w'umugore aho avuga ko icyo gitabo agifata nk'igisubizo cy'urugendo rwe n'abantu benshi bamugiriye umumaro.

# Umuhanzikazi Ciney yasubukuye umuziki nyuma y'imyaka 4 awuhagaritse

MUTETERAZINA Shifah

***Umuhanzikazi ukora injyana ya Hip Pop, Uwimana Aisha wamenyekanye nka Ciney, yatangaje ko yagarutse mu gukora muziki nyuma y'imyaka 4 yari ishize atawukora, avuga ko gutekereza ku ntego ye nk'umuhanzi no ku buryo yakoresheje impano ye, byamuteye gusubira kuri uwo mwuga wamumenyekanishije.***

Ciney yamenyekanye kuva mu 2010 kubera indirimbo ze zitandukanye zirimo nka Make Them Talk, Nk'abandi, yafatanyije na Danny Nanone, na Arabizi n'izindi yagiye ashyira hanze zigakundwa n'abatari bake.

Mu kiganiro n'itangazamakuru Ciney yagaragaje ko yakuze akunda umuziki ndetse akenshi yawukoraga agamije kwishimisha.

Yagize ati: "Nakuze nkunda umuziki, nanarimbaga nk'uburyo bwo kwishimisha. Ciney neretse Abanyarwanda ngitangira umuziki aracyahari, sinigeze nibagirwa igice cy'umuziki kiri muri njye."

Akomeza agaragaza ko uretse urukundo rw'umuziki ikindi cyamugaruye ari ikiganiro yagiranye n'umupasiteri bigatuma afata umwanzuro wo kugaruka mu muziki.

Ati: "Nigeze guhura n'umupasiteri, arambaza ngo Imana iramutse ikubajije icyo wakoresheje impano yaguhaye wasubiza iki? Bikubitiraho ko iyo uhagaritse umuziki ubura amahoro kubera ko hari byinshi uba ushaka gusangiza Isi, ni uko nahisemo kongera gukora umuziki."


Ciney avuga ko kugaruka mu muziki byatewe n'ikiganiro yagiranye na Pasiteri

Ciney avuga ko yari yarahisemo kuba ahagaritse umuziki kugira ngo yite ku masomo ye n'umuryango ndetse n'ibindi bikorwa bye.

Yaherukaga gushyira hanze indirimbo mu 2022, akaba yarayise 'A Woman' igaruka ku bigwi by'abagore mu muryango mugari, indirimbo yakoranye na Tonzi uzwi mu ndirimbo zo kuramya no guhimbaza Imana.

Uwo muhanzikazi yatangaje ibyo nyuma y'ibyumweru bibiri ashyize hanze indirimbo yise "Avec toi" ifite ubutumwa bw'urukundo.

Kugeza ubu Ciney avuga ko yamaze gusubira mu nzu itunganya umuziki kandi arimo kwita ku mishinga itandukanye vuba aha bazabona indirimbo nyinshi bityo abakunzi b'indirimbo ze bitegure indirimbo nyinshi kuko atazongera guhagarika.






APR BBC yasimbujwe RSSB Tigers muri BAL ya 2026

# APR BBC yasimbujwe RSSB Tigers muri BAL ya 2026

ZIGAMA Theoneste

***Ishyirahamwe ry'Umukino wa Basketball mu Rwanda (FERWABA) ryatangaje ko ikipe ya RSSB Tigers Basketball Club ariyo izahagararira u Rwanda mu irushanwa rya Basketball Africa League (BAL) ku nshuro ya gatandatu (Season 6), nyuma y'aho ikipe ya APR Basketball Club ifashe umwanzuro wo kutazitabira iryo rushanwa.***

Mu itangazo ryagenewe abanyamakuru FERWABA yasohoye ku wa Kane tariki ya 12 Werurwe, yavuze ko RSSB Tigers yahawe aya mahirwe nyuma yo kwitwara neza cyane mu marushanwa atandukanye, aho yegukanye Igikombe cya Shampiyona mu Rwanda cya 2025 ndetse n'Igikombe kiruta ibindi (Super Cup cya 2026), ibintu byagaragaje urwego rwayo rwiza n'ubushobozi bwo guhangana ku rwego rwa Afurika.

FERWABA yatangaje ko ifitiye icyizere RSSB Tigers ko izitabira iri rushanwa rya BAL, ryitabirwa n'amakipe ya basketball akomeye muri Afurika, aho yitezweho kuzaba igaragaza ubunyamwuga, ubwitange n'ishema,

Ishyirahamwe rya Basketball mu Rwanda ryashimangiye ko rizakomeza gushyigikira RSSB Tigers mu myiteguro yayo igana muri BAL Season 6, rinasaba abafana n'abafatanyabikorwa bose gushyigikira iyi kipe mu gihe izaba ihagarariye u Rwanda ku rwego rwa Afurika.

FERWABA yavuze ko andi makuru ajyanye n'imyiteguro y'iyi kipe ndetse n'uko izitabira BAL azatangazwa mu gihe kiri imbere.

Muri Gashyantare uyu mwaka hari hatangajwe ko APR BBC yari guhagararira u Rwanda mu Irushanwa Nyafurika rya Basketball (Basketball Africa League/BAL) yashyizwe mu itsinda rimwe na Al Ahly Tripoli yo muri Libya ifite igikombe giheruka na Petro de Luanda yo muri Angola, mu mikino y'amajonjora ya BAL 2026 rikaba ryariswe irya Kalahari.

Iryo rushanwa rigiye kuba ku nshuro ya gatandatu aho biteganyijwe ko rizakinirwa mu mijyi itatu ya Pretoria (Afurika y'Epfo), Rabat (Morocco) na Kigali mu Rwanda.

Muri uyu mwaka w'imikino, amakipe 12 ni yo azakina imikino 15 kuri buri imwe, dore ko azaba agabanyijwe mu matsinda abiri buri rimwe ririmo atandatu, bitandukanye no mu mwaka ushize, ryakinwe mu matsinda atatu.

Itsinda rya Sahara Conference ririmo Fath Union Sport Rabat yo muri Maroc ahazabera irushanwa, Al Ahly yo mu Misiri, ASC Ville de Dakar yo muri Sénégal, Club Africain yo muri Tunisia, JCA Kings yo muri Côte d'Ivoire na Maktown Flyers yo muri Nigeria.

Imikino ya Kalahari Conference izakinirwa mu Mujyi wa Pretoria kuva tariki ya 27 Werurwe kugeza tariki ya 5 Mata 2026, mu gihe irya Sahara Conference rizakinirwa i Rabat kuva tariki ya 24 Mata kugeza tariki ya 3 Gicurasi 2026.

Amakipe ane azitwara neza muri buri tsinda, azahurira i Kigali mu Rwanda, aho azakinira imikino ya kamarampaka n'iya nyuma. Iteganyijwe guhera tariki ya 22 kugeza 31 Gicurasi 2026.

Mu mwaka ushize wa 2025, na Al Ahli Tripoli yaryegukanye itsinze Petro de Luanda ku mukino wa nyuma amanota 88-67.

Ni mu gihe APR BBC yo mu Rwanda yabaye Ikipe ya mbere yo mu Karere ka Afurika y'Iburasirazuba yasoreje ku mwanya wa gatatu kuva iri rushanwa ryatangira gukinwa mu 2021.

# AS Kigali yahawe igihe cyo kwihuza na Kiyovu Sports na Gasogi United


AS Kigali yasabwe kwihuza na Kiyovu Sports na Gasogi United bitarenze Werurwe 2026

SHEMA Ivan

***Ubuyobozi bw'Umujyi wa Kigali bwandikiye AS Kigali buyisaba kwihuza n'andi makipe atatu usanzwe atera inkunga bitarenze tariki ya 30 Werurwe 2026, kuko mu mwaka utaha wa 2026/27 hazashyirwaho indi kipe yawo.***

Mu ibaruwa yanditswe n'Umuyobozi w'Umujyi wa Kigali, Samuel Dusengiyumva, yasabye iyi kipe ko yasubiza ubusabe bwawo mu gihe cya vuba, ikihuza n'andi makipe batera inkunga.

Yagize iti: "Hashingiwe kandi ku masezerano y'ubufatanye n'Umujyi wa Kigali, mbandikiye mbamenyesha ko inkunga y'amafaranga yahabwaga ikipe yanyu izakoreshwa mu kubaka ikipe y'Umujyi wa Kigali irimo kubakwa. Bityo tukaba tubasaba ko mwihuza n'andi makipe Umujyi wa Kigali usanzwe utera inkunga (Gasogi United FC na Kiyovu Sports FC) kugira ngo icyemezo cyo guhuriza hamwe ubushobozi gishoboke."

Umujyi wa Kigali uherutse gutangaza ko mu myaka itanu ishize wahaye iyi kipe arenga imari ya miliyari 1 y'amafaranga y'u Rwanda. Igitekerezo nk'iki cyaherukaga mu 2019 ariko AS Kigali na Kiyovu Sports zagiteye utwatsi.

Kugeza ku munsi wa 24 wa Shampiyona y'u Rwanda, AS Kigali iri ku mwanya wa 13 n'amanota 24, Kiyovu Sports ni iya karindwi n'amanota 33. Ni mu gihe Gasogi United FC imaze imikino irindwi idatsinda, iri ku mwanya wa 11 n'amanota 26.

Imvaho Nshya
Siporo



Nº .E-54 TARIKI 10 -16 WERURWE 2026 RPC P.O.BOX 3854 KIGALI-RWANDA TEL: +250 785 474 045 E-mail: info@rpc.rw

# APR FC yatsinze Musanze FC ifata umwanya wa mbere muri Shampiyona

SHEMA Ivan

***APR FC yatsinze Musanze FC ibitego 2-0 mu mukino w'Umunsi wa 24 wa Shampiyona, ifata umwanya wa mbere ku rutonde rw'agateganyo rwa Shampiyona y'icyiciro cya mbere mu Rwanda.***

Uyu mukino wabereye kuri Kigali Pele Stadium mu ijoro ryo kuri uyu wa Gatandatu, tariki ya 14 Werurwe 2026.


Muri uyu mukino APR FC yabanje mu kibuga Dauda Yussif wari umaze ibyumweru bibiri n'igice yarahagaritswe, kubera imyitwarire mibi yatumye yoherezwa gukorera imyitozo mu ikipe y'abato.

APR FC ni yo yatangiye neza umukino isatira cyane izamu rya Musanze FC harimo ishoti ryatewe na Memel Dao, ariko umunyezamu Nsabimana Jean de Dieu afata umupira neza. Mu minota 15, umukino wagabanyije umuvuduko, amakipe yombi atera imipira yo hejuru.

Mu minota 25, APR FC yihariye umupira igerageza kurema uburyo bw'igitego harimo umupira William Togui yateye ari wenyine ujya hanze.

Uyu mukino wongeye kugaragaramo ikibazo cy'ibura ry'umuriro, aho ku munota wa 27, wahagaze moteri yatsa amatara ya stade yanga kwaka. Nyuma y'iminota 19 umuriro wagarutse umukino wongera gukomeza.

Ku munota wa 35, Djibril Ouattara yahinduye umupira mwiza mu rubuga rw'amahina, usanga Denis Omedi wawuteye n'umutwe ujya hejuru gato y'izamu. Igice cya mbere cyarangiye amakipe yombi anganyije ubusa ku busa.



APR FC yatsinze Musanze FC ibitego 2-0

APR FC yakomeje gusatira mu gice cya kabiri harimo ishoti rikomeye ryatewe na Dauda Yussif, umupira ukora ku mukinnyi wa Musanze FC ujya muri koruneri itagize icyo itanga.

Iyi kipe ntiyacitse intege kuko ku munota wa 50, Marcel Dikoume yakiniye nabi Ouattara wari winjiye mu rubuga rw'amahina, umusifuzi yemeza ko ari Penaliti.

Iyi Penaliti yatewe na Djibril Ouattara ku mahirwe make ye, atera umupira hejuru kure y'izamu rya Musanze FC.

Ku munota wa 69, Ronald Ssekiganda yatsindiye APR FC igitego cya mbere, ku mupira wari uvuye muri koruneri yatewe na Memel Dao.

Iminota 10 ya nyuma yaranzwe no gusatira kwa Musanze FC ishaka igitego cyo kwishyura mu gihe APR FC yashakaga icya kabiri cyo gushimangira intsinzi.

**Mbere y'uko umukino urangira umusifuzi wa kane yongeyeho iminota ine y'inyongera**

Ku munota wa 90+3, William Togui yatsindiye APR FC igitego cya kabiri ku ishoti rikomeye yateye, umupira uruhukira mu izamu.

Umukino warangiye APR FC itsinze Musanze FC ibitego 2-0, yongera kubona intsinzi nyuma y'imikino itatu yikurikiranya.

Gutsinda uyu mukino byatumye, APR FC ifata umwanya wa mbere n'amanota 46, irusha inota rimwe Al-Hilal SC ya kabiri ifite imikino itatu itarakina. Ni mu gihe Musanze FC yagumye ku mwanya wa Munani n'amanota 33.

Indi mikino yabaye, Bugesera FC yatsinze Gasogi United igitego 1-0 naho Rutsiro FC yanganyije na Etincelles FC ubusa ku busa.



Dauda Yussif wari umaze ibyumweru bibiri n'igice adakina kubera imyitwarire mibi yari yagaruwe mu kibuga ndetse abanzamo



Djibril Ouattara yahushije penaliti mu gice cya kabiri